Blassyo Bamonyo

lettre

26/11/1953

3 Pg 3 doc

S10 18|3

RUFOKO-GAKWAYA Emmanuel
Vice-Président de la F.R.C.A.
B.P 18 GISENYI

Gisenyi, le 6/01/1989

A traiter par ...
Date entrée : 12/1/89
N° Classement : 0265/N.08

DESC 13.1.89

Monsieur le Ministre de la Jeunesse et
du Mouvement Coopératif
K I G A L I

DIVAS
info 17.1.89
B 13.2.89

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de vous transmettre en annexe le rapport de la Course cycliste du 6 au 13/12/1988 au KENYA.

En vous souhaitant bonne réception, je vous prie d'agréer, Monsieur le Ministre, les assurances de ma parfaite considération.

Copie pour Information :

- Monsieur le Préfet de Préfecture
  G I S E N Y I
- Monsieur le Mbre du bureau Fédéral de la F.R.C.A. (tous)
  K I G A L I

RUFOKO-GAKWAYA Emmanuel
1e Vice-Président de la F.R.C.A.

RAPORO Y'ISIGANWA RY'AMAGARE MURI KENYA 1988

INGINGO ZA NGOMBWA :

1. Ugutumirwa
2. Kwitegura
3. I Naïrobi
4. Ibyifuzo.

1. Kubera imyaka 25 KENYA yari imaze yigenga, muri KENYA hari imikino myinshi kandi inyuranye.

Ku byerekeye Amagare :

Ishyirahamwe ry'Amagare rya KENYA ryatumiye iryo mu Rwanda, n'ay'ahandi nayo yari yatumiwe. Iry'iwacu ryabimenye hasigaye igihe gito ngo amarushanwa abe. Ibyo aribyo byose, iry'u Rwanda ntiryahabuze.

2. Mu gutegura iryo rushanwa, byaragoye cyane kubera igihe gito kandi amikoro nayo ari ntayo. Hagombaga kugenda abakinnyi 7 n'ababaherekeje 2 ariko si ko byagenze kuko twabuze ukukubita ingabo mu bitugu, mu buryo hagiye abakinnyi 5 n'ababaherekeje 2. Birumvikana ko Ishyirahamwe ryacu mu Rwanda ryasigaye iheruheru kuko ryari rifite 355.000 FRWS rigakuramo 340.000 FRWS, hasigaye 15.000 FRWS kuri Konti. Kugira ngo twikokore ni uko Ishyirahamwe ryo muri KENYA ridutumira ryemeye kudutunga kuri byose mu gihe twamazeyo.

3. Twavuye i KIGALI kuwa 6/12/1988, tugera i NAIROBI. Uretse umunsi wa mbere kuko twahegeze n'ijoro, nibwo twahuye n'ingorane yo gucumbika no gutwara amagare twari dufite. Mwene wacu wari muri Kenya waje kutwakira ntacyo yatumariye uretse kudufata nk'aho tutari ibiremwa bitekereza. Twakoze uko dushoboye twirwanaho tubona burakeye. Tumaze kubona abari badutumiye, byagenze neza cyane mu minsi 7 yose twamazeyo.

- Irushanwa ryahuje i EBIHUGU 3: KENYA, MISIRI n'u Rwanda gusa kuko ibindi bari batumiye bitashoboye kuhaboneka. KENYA yari ifite amakipe 5 yose hamwe yari 7. Iryo rushanwa ryari rigizwe n'ibice 2 :
  1) Kwiruka mu matsinda (course contre la montre)
  2) Kwiruka umuntu ku giti cye (course individuelle).

Muri ayo masiganwa yombi, u Rwanda rwahifashe neza n'ubwo nta myitozo yari yakozwe kubera amikoro make y'Igihugu.

1. U RWANDA rwegukanye umudari wa Buronze, uwa Feza wabaye uwa KENYA, uwa Zahabu uba uwa Egypte.
2. U Rwanda rwabonye imyanya ikurikira :
   - SEBERA Ferdinand yabaye uwa 7
   - TURATSINZE Emmanuel yabaye uwa 8
   - NDENGEYINGOMA Célestin yabaye uwa 10
   - NGWIJABANZI Félicien yabaye uwa 11
   - RUTAGENGWA Jean Léon yabaye uwa 12

.../...

KENYA ifata imyanya ya 1, 2, 3, n'uwa 9.

Egypte ifata imyanya ya 4, 5, 6 abandi bose baje inyuma yacu, kandi bose hamwe bari 47.

N'ubwo bacumbikiye abantu benshi kandi buri Gihugu kikagira imodoka ya cyo muri iyo minsi yose, bongeyeho n'akandi karusho kuko buri mukinnyi bamuhaga buri munsi amashiringi 200 naho abaherekeje babonaga amashiringi 300. Twe twahamaze iminsi 7 kuko twasanze abandi barahageze mbere.

Icyitonderwa : Abagize Ishyirahamwe ry'Amagare muri KENYA bishimiye cyane u RWANDA kuko barutumiye 2 rutabatetereza. Gusa bababazwa n'uko u Rwanda rukoresha amarushanwa y'amagare ntirubatumire kandi bifuza nabo ko batumirwa mu Rwanda.

4. Ibyifuzo :

1) Kubera ko hari Isiganwa ry'amagare ku rwego rw'Igihugu kubera Isangano ry'urubyiruko n'Icyumweru cyahariwe Abaturage, Ishyirahamwe ry'amagare mu Rwanda rirasaba ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, mu gutegura iryo siganwa, yakwibuka guteganya igatumira nibura ibihugu 2 : KENYA na Egypte, yaba ifite amikoro igatumira n'ibindi.

2) Ikipe y'amagare y'Igihugu yari ikwiye gusohoka kenshi kugira ngo yipime n'izindi zifite ubushobozi bwo kwitoza.

0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0=0

( TRADUCTION de l'original en kinyaruanda)

Blassyo Bamonyo
Gacurabgenge
S.B.M.P. Remera
Par KIGALI.

Usumbura, le 26/11/1953
Belge 3ème Av.n° 58

n/ 2896

Contact

28 NOV 1953

28 NOV 1953

A Monsieur le Vice-Gouverneur Général
Gouverneur du Ruanda-Urundi
à USUMBURA.

---

Avec prière de transmettre la copie en annexe à Monsieur le Procureur du Roi à USUMBURA.

Votre n° 11/3/37/1786 du 19 novembre 1953 m'est parvenue en réponse le 24.11.1953. Je vous en remercie.

Jusqu'ici tous mes écrits pour cette affaire ne m'ont nullement profité, je me décide néanmoins à recommencer à vous en écrire. Depuis bientôt deux mois je suis ici à Usumbura et je m'y trouvé bien serré.

J'ai déposé plainte entre vos mains, à charge de Messieurs C.Marangos et mon Avocat Liebart, ce dernier pour avoir intentionnellement transformé en ma défaveur la palabre que lui avais confiée.
La somme litigieuse s'élevait à 77.799,54 frans. Mon avocat m'affirme avoir eu gain de cause, non pour le montant susdit mais pour seulement la somme de 1947 Frs + 195 frs d'intérêt soit au total : pour 2.142.

J'avais payé mes honoraires à l'Avocat. Ce dernier m'a quand même aussi retenu cette somme de 2.142 Frs.
Après tout j'en conclus que le fait d'avoir exposé, ma doléance aux Autorités Administratives, celui d'avoir gagné un procès sans éxécution, n'a nullement avancé mon affaire. Je me vois au contraire exposé à continuer à gaspiller ce qui me reste de biens J'ai gagné un procès pour des biens et, ceux-ci m'ont été refusés.

J'ai demandé, au vu de cela, de prendre ma défense moi même; cette faveur me fut d'abord accordée pour m'être finalement retirée après.
Accepteriez vous que mes biens me soient si injustement enlevés sans même pouvoir intenter moi-même un procès?

Je me permets d'attirer l'attention des Hautes Autorités Administratives sur ma plainte à charge de Messieurs Costa Marangos et l'Avocat Liebart. En cas de départ définitif du Ruanda-Urundi pour l'Europe ou ailleurs, le Gouvernement me payera -t-il la somme que je réclame, pour n'avoir pas voulu s'occuper de mon affaire. Tous mes inventaires, mes papiers de comptabilité, établis par mes soins en compagnie du clerc Dominiko Ntoyumutwa, m'ont été enlevés et refusés. J'ai fini par ?! me décider de déposer ma plainte ailleurs qu'à Usumbura.

sé/ Blassyo Bamonyo.

( TRADUCTION de l'original en kinyaruanda)

Blassyo Bamonyo
Gacurabgenge
S.B.M.P. Remera
Par KIGALI.

Usumbura, le 26/11/1953
Belge 3ème Av.n° 58

A Monsieur le Vice-Gouverneur Général
Gouverneur du Ruanda-Urundi
à USUMBURA.

---

Avec prière de transmettre la copie en annexe à Monsieur le Procureur du Roi à USUMBURA.

Votre n° 11/3/37/1786 du 19 novembre 1953 m'est parvenue en réponse le 24.11.1953. Je vous en remercie.

Jusqu'ici tous mes écrits pour cette affaire ne m'ont nullement profité, je me décide néanmoins à recommencer à vous en écrire. Depuis bientôt deux mois je suis ici à Usumbura et je m'y trouvé bien serré.

J'ai déposé plainte entre vos mains, à charge de Messieurs C.Marangos et mon Avocat Liebart, ce dernier pour avoir intentionnellement transformé en ma défaveur la palabre que lui avais confiée.
La somme litigieuse s'élevait à 77.799,54 frans. Mon avocat m'affirme avoir eu gain de cause non pour le montant susdit mais pour seulement la somme de 1947 Frs ± 195 frs d'intérêt soit au total : pour 2.142.

J'avais payé mes honoraires à l'Avocat. Ce dernier m'a quand même aussi retenu cette somme de 2.142 Frs.
Après tout j'en conclus que le fait d'avoir exposé ma doléance aux Autorités Administratives, celui d'avoir gagnér un procès sans éxécution, n'a nullement avancé mon affaire. Je me vois au contraire exposé à continuer à gaspiller ce qui me reste de biens J'ai gagné un procès pour des biens et ceux-ci m'ont été refusés.

J'ai demandé, au vu de cela, de prendre ma défense moi même; cette faveur me fut d'abord accordée pour m'être finalement retirée après.
Accepteriez vous que mes biens me soient si injustement enlevés sans même pouvoir intenter moi-même un procès?

Je me permets d'attirer l'attention des Hautes Autorités Administratives sur ma plainte à charge de Messieurs Costa Marangos et l'Avocat Liebart. En cas de départ définitif du Ruanda-Urundi pour l'Europe ou ailleurs, le Gouvernement me payera -t-il la somme que je réclame, pour n'avoir pas voulu s'occuper de mon affaire. Tous mes inventaires, mes papiers de comptabilité, établis par mes soins en compagnie du clerc Dominiko Ntoyumutwa, m'ont été enlevés et refusés. J'ai fini par me décider de déposer ma plainte ailleurs qu'à Usumbura.

sé/ Blassyo Bamonyo.

Blassyo Bamonyo
Gacurabgenge
S.B.M.P. Remera
par Kigali

Belge 3è Avenue no 58
Usumbura
le 26/11/53.

Kuri Bwana Le Procureur du Roi
à USUMBURA

Nuko nabonye urwandiko nakwandikiye rwangarukiye le 24/11/1953. narwandike le 2/11/53.

Nubgo kwandika ntacyo byamariye, nongeye kwandika Ino mpamaze hafi y'Amezi 2. mbabaye

1/ Nabaregeye Mr C. Marangos, hamwe n'Avocat wanjye Albert Liebaert, kuko yish'urubanza rwanjye, Ama Faranga yanjye 77.799,54. Akarunga ko natsinze Akabihindura 1947 Frs. Principal
195 Frs. Intérêts
2142

Ayo nayo niwe uyafite yarayasubiranye hamwe nayo nanunguruje ngo, abe Avocat wanjye, nuko ibyanjye nuguhab'g'urupapuro ngo naratsinze simpabge Ikintu cyose mubyo naregeye.

Ibyo naregeye Sinabihawe,
Nabasabiy'urubanza muranyemerera mumpamagaye mumbuza kuburana. Inventaires zanjye hamwe n'izindi mpapuro z'Imibare y'Ama Frs, nandikanye na Karani Domeniko Mbonyumutwa murabinyima.

None nshinganye Avocat A. Liebaert hamwe na Bwana C. Marangos, mbashyize mu maboko y'Abategeka bakuru ba l'Etat - ngo niba bazava muri Ruanda-Urundi cyangwa bakajy'i Bulayi ntibagaruke l'Etat, izamp'Ama Frs. yanjye, kuko nabaregeye ntimunyiteho. ntimungir'icyo munkorera none ngiye kuregera ahandi hatari Usumbura.
ngusezeyeho nijyewe

B. Bamonyo

MINISTERE DE LA JEUNESSE,
DE LA CULTURE ET DES SPORTS
B.P 1044-KIGALI
Tél : 83527
Fax : (250) 583518
E-mail : minicult@rwanda1.com
Secrétariat Central

**REMARQUES**

**Fiche de Transmission**

A/To: DUJ

De/ From: Sec Central

Date: 6 / 3 / 2006

| | | | |
|---|---|---|---|
| Pour signature<br>For signature | ☐ | ☐ | Pourrions-nous en parler<br>Can we discuss it ? |
| Pour approbation<br>For approval | ☐ | ☐ | Suite à votre demande<br>As you requested |
| Comme convenu<br>As discussed | ☐ | ☐ | Pour suite à donner<br>For action |
| Pour votre information<br>For your information | ☐ | ☐ | Classer<br>To file |
| A votre attention<br>For your attention | ☐ | | |

INKIKO GACACA

Journal Inkiko Gacaca

N° 59 Mutarama 2006 | Gisohoka rimwe mu kwezi | Gitangirwa ubuntu

# Jenoside: Indishyi ni uburenganzira ariko amikoro y'igihugu ni make



*"Leta irimo kureba uburyo hajyaho ikigega cyo gufasha abacitse ku icumu kugira imibereho myiza" Mukabagwiza Edda, Minisitiri w'Ubutabera.*

***Ikibazo cy'indishyi z'abacitse ku icumu rya jenoside yo muri 1994 gihangayikishije Leta n'abanyarwanda b'ingeri zose, ku buryo benshi bibaza uko bizagenda, abandi bakibwira ko Leta yatereranye abacitse ku icumu; aba na bo bakabona ko bavukijwe uburenganzira bwabo bwo guhabwa indishyi zijyanye n'ababo bishwe muri jenoside. Ikinyamakuru Inkiko Gacaca cyegereye Minisitiri w'Ubutabera, Madamu Mukabagwiza Edda, kimubaza aho gushaka umuti w'icyo kibazo bigeze.***

Minisitiri Mukabagwiza yatangiye asobanura ko icyo kibazo Leta itakihereranye cyangwa ngo ireke kugira icyo igikoraho. Ati ahubwo habaye inama nyinshi n'ibiganiro bigaragaza uko Leta ibibona. Mme Mukabagwiza ati: " ni byo koko jenoside yahitanye abanyarwanda benshi, cyane cyane abatutsi, kuko aribo yari yibasiye. Bikaba bigaragaza kandi byumvikana ko hari abasizwe iheruheru".

Minisitiri w'Ubutabera aragira ati mu buryo bw'amategeko no mu buryo bw'ubutabera busanzwe, abacitse icumu rya jenoside bakagombye guhabwa indishyi. Ariko mu by'ukuri ikibazo cy'indishyi nk'uko cyavugwa mu rwego rw'amategeko, ni ikibazo cy'ubutabera busanzwe, kandi koko kireba buri muntu wese wahohotewe, buri muntu wese wiciwe, buri muntu wese wakorewe icyaha.

**Ku bibazo bidasanzwe, ibisubizo bidasanzwe**

Minisitiri Mukabagwiza ati n'ubwo bigaragara ko mu mategeko ari ikintu cyumvikana mu buryo bw'ubutabera busanzwe, ibibazo byinshi twabonye mu gihe cya jenoside, ndetse na jenoside ubwayo, ni ibibazo bidasanzwe. Uburyo bwo kubisubiza bwabaye n'ubundi uburyo budasanzwe; kuko ushatse kubisubiza mu buryo busanzwe ukurikije uko amategeko abisaba, umurongo ku wundi, byagaragaye ko byananiranye.

Niyo mpamvu, mu buryo bwo gukemura ibibazo bya jenoside, twavuye mu butabera busanzwe tukajya mu butabera bwunga bwo mu Nkiko Gacaca, ari bwo twasanze bwatanga igisubizo.

**Ikibazo cy'indishyi gikubiyemo ibindi byinshi**

Minisitiri w'Ubutabera yavuze ko muri icyo kibazo hagiye habonekamo ibibazo byinshi binyuranye; kubera ko mu buryo bw'amategeko busanzwe, mu gutanga indishyi, akenshi hagomba kurebwa indishyi mbonezamusaruro n'indishyi mpozamarira. Indishyi mbonezamusaruro ni uburyo bwo kwishyuza umuntu ibyo yangirije bifatika. Ibyo n'ubundi itegeko rya Gacaca rirabiteganya.

Ariko indishyi mpozamarira byagaragaye ko ari ikintu gikomeye: icya mbere ni uko bigoye guha agaciro umuntu wawe wishwe bene kariya kageni. Ugiye kumuha agaciro wamenya umuha agaciro kangana iki? Kuko akenshi indishyi iyo ihawe agaciro, ni mu buryo bw'amafaranga. Ese umuntu wiciwe umubyeyi, akicirwa umugore- kandi ko ibyo byabayeho muri jenoside-wamuha indishyi zingana iki kuri abo bantu be?

Rimwe na rimwe ugasanga uburyo bwo kubara izo ndishyi bushobora gutuma ahubwo udaha umuntu agaciro gakwiriye. Ibyo byagiye biganirwaho mu nama zinyuranye.

*komeza urup. 4*

## Ibindi birimo

- Inkiko ntizafunze imiryango .................... P. 7
- Imibereho y'Inyangamugayo igiye kuzamurwa .............................................P. 9
- Uruhare rw'Inkiko Gacaca mu bumwe n'ubwiyunge .. .................................... P. 12
- Huye: Inteko y'urukiko gacaca yafunze umuntu itamuburanishije .................... P. 14

Iki kinyamakuru cyandika kikanasobanura ku Nkiko Gacaca no ku butabera muri rusange

Ni icya MINIJUST, giterwa inkunga na

EUROPEAN COMMUNITY
COMMUNAUTE EUROPEENNE

# Imanza 2 z'ingorabahizi mu Rukiko rw'Ikirenga

*Ku itariki ya 23 Mutarama 2006, haburanishijwe imanza 2 z'ingorabahizi mu Rukiko rw'Ikirenga. Urwa mbere ni urwa Busayine Sesimba waba yararashwe agerageza gutoroka muri gereza ya Ntsinda. Icyemezo cy'urupfu rwe (attestation de décès) kikaba kigoranye kuboneka kugira ngo rwemeze ko, uwo mugororwa uregwa ibyaha bya jenoside, yaba yaritabye Imana koko rubone gufata umwanzuro w'urubanza rwe. Urwa kabiri, ni urw'abacuruzaga urumogi rwavaga muri Kongo, rukanyura mu Rwanda, rukambuka muri Uganda.*

N'ubwo Umuyobozi wa gereza ya Ntsinda yandikiye Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika amumenyesha ko umugororwa Busayine Sesimba yitabye Imana mu mpera z'umwaka ushize (2005), Urukiko rwari rushinzwe kumuburanisha ntirwafata umwanzuro rutarashyikirizwa icyemezo cy'urupfu rw'uwo mugabo (attestation de décès). Ibyo ni ibyatangajwe na Perezida w'Urukiko ku itariki ya 23 Mutarama 2006. Kuva igihe ubuyobozi bwa gereza ya Ntsinda bwatangarije urupfu rwe, abaganga basabwe kumupima, ngo barebe icyamwishe (autopsie), banamukorere icyemezo cy'urupfu ; ariko kikaba na n'ubu kigoranye kuboneka. Abantu batandukanye bemeza urwo rupfu mu magambo, bakemeza kandi ko umurambo watwawe, ukanashyingurwa ariko icyemezo ntigitangwe. Impamvu banangira gutanga icyo cyemezo ntiziramenyekana. Icyakora, urukiko ruracyakurikirana impamvu.

Perezida w'urukiko yabajije Umushinjacyaha niba hari icyizere afite ko icyo cyemezo kizaboneka kugira ngo bafate umwanzuro, asubiza ko nta cyizere kinini gihari ariko ko urubanza rwakongera gusubikwa (rwasubitswe kenshi kubera icyo cyemezo), urukiko rukihangana rukareba ko cyaboneka. Urukiko rwaramwumviye, rwongera gusubika urubanza, rukazasubukurwa ku itariki 23 Gashyantare 2006. Umwanzuro w'urukiko uteye amatsiko benshi kuko rutazaburanisha umuntu witabye Imana, n'ubwo icyemezo cyabura.

**Urubanza rwa kabiri rwari urw'urumogi**

Bose uko ari batatu : Tajiri Abdallah, Ntagara Pascal na Kaliza Béatrice, baba barafashwe ku itariki 30 Ukuboza 2005, bashyikirizwa urukiko ku ya 6 Mutarama 2006. Bararegwa icyaha cyo kuba barafatanywe udupfunyika 2414 tw'urumogi. Bose bari bunganiwe na Maître Ndagijimana washimangiye ko ubucamanza bwafunze abo bantu, bwirengagiza ingingo y'amategeko ivuga ko ufashwe mu cyaha nk'icyo adafungwa igihe kirenze amasaha 72 (iminsi itatu) ataraburanishwa. Bo bakaba barayirengeje ; ni nayo mpamvu nyamukuru yatumye bajurira.


Perezida w'urukiko yasabye Ndagijimana gusobanura impamvu zindi zaba zaratumye bajurira (ntabwo bigeze bazitanga) umwe ku wundi. Yahereye kuri Tajiri Abdallah, avuga ko habayeho inzitizi z'iburabubasha (manque de compétence). Ati : *" urubanza rw'icyaha nk'icyo, ntabwo rwagombaga gutangirira mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, ngo ruzamuke mu rw'Ikirenga ; ah'ubwo rwari gutangirira mu Rukiko rw'Akarere."* Ikindi ni uko Tajiri yemeye icyaha cyo kuba yarafatanywe ibiyobyabwenge ariko asobanura ko yabyohererezwaga n'umudamu witwaga Asha wo ku Gisenyi, waje kwitaba Imana.

Ku byerekeye Ntagara Pascal, uretse impamvu bahuriyeho bose yo kurenza amasaha yo gufungwa, we ngo ntiyigeze yemera icyaha cyangwa se ngo afatanywe urumogi. Yaba yarazize ko ari umukomisiyoneri (uranga amasoko), nta muntu bigeze bakorana ku buryo butaziguye (direct) kandi nta bindi bimenyetso simusiga bimuhama.

N'aho kubireba umudamu Kaliza Béatrice, uretse impamvu yo gufungwa igihe kirenze amasaha 72, izindi mpamvu zo kujurira ni uko yafashwe nta kimenyetso cy'icyaha na kimwe yafatanywe. Nkuko Me Ndagijimana yakomeje asobanura, habayeho kwitiranya Kaliza Béatrice na Asha Béatrice. N'ubwo bari inshuti kandi bakitiranwa, uwa mbere yari atuye i Goma muri Kongo (na n'ubu niho agituye), naho Asha yari atuye ku Gisenyi. Niwe rero waba yarakoranaga na Tajiri amwohereza urumogi, aza kwitaba Imana Tajiri amurimo umwenda w'amafaranga. Nibwo rero Kaliza yaje koherezwa na nyina wa Asha kumufatira amafaranga y'umwana we kwa Tajiri, amuha nimero ze za telefone. Mbere yo guhaguruka i Gisenyi ngo Kaliza yatelefonnye Tajiri uyu amubwira ko nta kibazo , ko n'ajya kugera i Kigali, amutelefona kugira ngo bahurire Nyabugogo. Akigera Nyabugogo aho basezeranye, abapolisi babiri (bari bambaye gisivili) bari kumwe na Tajiri bahita bamufata. Me Ndagijimana yashoje avuga ko gukomeza kumufunga, afite n'umwana ahetse, ari ukubangamira uburenganzira bw'umwana na nyina.

**Iminsi mikuru na yo irabarwa**

Perezida w'urukiko, amaze kumva ibyo byose, yamenyesheje urukiko ko abo bagororwa batashyikirijwe urukiko ku itariki ya 6 ahubwo ko ari yo tariki batangiye kuburanishirizwaho; bakaba bararushyikirijwe ku ya 4 Mutarrama. Bagombaga gutangira kuburanishwa ku itariki ya 31 ukuboza, hakaba hari ku wa gatandatu ; ku itariki ya 1 Mutarama , hari konji y'ubunane ; ku wa mbere, tariki ya 2, hari na none konji. Kuri iyo ngingo, uwunganira abaregwa yibukije urukiko ko amategeko ateganya ko iminsi mikuru nayo yabarwa mu gihe ntarengwa (les jours fériés sont compris dans le délai). Bagombaga rero kubara amatariki ya 31 Ukuboza, iya 1 n'iya 2 Mutarama, bagashyikirizwa ubucamanza ku ➡



*Maître Mutashya Jean Baptiste wari uyoboye inteko*

Inkiko Gacaca Journal

## Ijambo ry'Ibanze

# Gacaca ntizadindizwa n'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi

Ku wa 23 Ukuboza 2005 Inteko Ishinga Amategeko yatoye itegeko ngenga rigena inzego nshya z'imitegekere y'igihugu cy'u Rwanda hagamijwe kwegereza Abaturarwanda ubutegetsi na serivisi zibakorerwa. Ibyo byatumye Intara, Uturere, Imirenge n'Utugari biba bikeya ugereranyije n'ibyari bisanzwe. Imiterere y'imirenge n'utugari yarahindutse, ku buryo usanga ahenshi imbibi z'umurenge mushya zikomatanya imirenge myinshi yari isanzweho; no ku tugari bikaba ari uko bimeze.

Inkiko Gacaca zikaba zakoreraga mu mafasi zahawe n'itegeko ngenga n°16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha, n'imikorere by'Inkiko Gacaca. Ayo mafasi yahuraga n'imbibi z'imirenge n'iz'utugari byari bisanzweho. Kubera ko izo mbibi zahindutse, Inkiko Gacaca ntizashobora gukomeza gukora bitewe n'uko zihura n'ikibazo cy'ububasha bushingiye ku ifasi n'imiterere y'inzego za zo, ndetse n'ikibazo cy'inyangamugayo zabitorewe hakurikijwe amafasi yari asanzweho.

Kugira ngo Inkiko Gacaca zikomeze gukora, byari ngombwa ko na zo zivugururwa zigahuzwa n'utugari dushya n'imirenge mishya. Ibyo byari kugira ingaruka nyinshi zadindiza imirimo ya Gacaca: guhungabanya gahunda y'ikusanyamakuru n'iy'iburanisha; kugabanya umubare w'Inkiko Gacaca, bityo kwihutisha imirimo ya zo bikaba bitagishobotse. Ikindi ni uko byari kuba ngombwa gukoresha andi matora n'amahugurwa y'inyangamugayo hagatangwa amafaranga menshi, hakabaho no gutakaza igihe mu ihererekanyabubasha n'ihererekanya ry'amadosiye. Kandi na none byari gusaba Leta gusohora amafaranga menshi yo gukoresha kashe (cachets) nshya n'amafishi n'izindi nyandiko zisimbura izisanzweho. Byari no guhungabanya igikorwa cyo kwandika mu byuma bya mudasobwa amakuru yakusanyijwe. Bikaba byasa no gutangira Gacaca bundi bushya.

Kugira ngo Gacaca ye kudindira, hateguwe umushinga w'itegeko rivugurura itegeko ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004. Uwo mushinga w'itegeko washyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko uteganya ko Inkiko Gacaca zizakomeza gukorera mu mafasi zari zisanganywe, ni ukuvuga mu mbago z'utugari n'z'imirenge byari bisanzweho. Iryo tegeko niryemezwa rikazatuma Inkiko Gacaca zikomeza gahunda ya zo nta kudindira.

Ubwanditsi

# Imanza 2 z'ingorabahizi mu Rukiko rw'Ikirenga

*ibikurikira urup. 2*

itariki 3 Mutarama 2006 ; uwo munsi ukaba rero warirengagijwe. Amaze kumva ibyo byose, Perezida w'urukiko yakomeje asobanura ko, ku byerekeye ububasha bw'inkiko, urubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika kubera ko icyaha cyarenze imbibi z'Urwanda (kuva i Goma, kikanyura mu Rwanda, kigakomeza Uganda) ; bikaba rero birenze ububasha bw'inkiko z'uturere.

Ku byerekeye amasaha yo gufungwa yarenze, Perezida w'urukiko ndetse n'Umushinjacyaha basobanuye ko hariho impungenge ko babarekuye bashobora gutoroka, bakanasibanganya ibimenyetso.

Uwunganira abaregwa yongeye gushimangira ko abo yunganira bose nta bimenyetso simusiga bibahamya ; Perezida w'urukiko n'Umushinjacyaha bamwibutsa ibyo biyemereye mu bugenzacyaha, bakibazwa ubwa mbere.Tajiri Abdallah ngo yiyemereye ubwe ko urumogi yarwoherezwaga na Kaliza Béatrice utuye kuri Goma, akarucururiza mu Rwanda na Uganda.

Ntagara Pascal nawe, n'ubwo atemera icyaha, yiyemereye ko uwitwa Kaboko wo ku Kacyiru yamutelefonnye ashaka urumogi rwo kugura. Nibwo Pascal yanyarukiraga k'uwitwa Moise Byanzige gufata udupfunyika 500, adushyira iwe ategereje ko Kaboko aza kudufata ; niho rero Polisi yamufatiye. Ku kibazo cyo kumenya uko uwo Kaboko yamenye ko Ntagara acuruza urumogi, yashubije ko yarucuruzaga koko, ariko aza kubireka.

Naho Kaliza Béatrice, n'ubwo nawe atemera icyaha, ngo yivugiye ubwe ko Tajiri yageze i Goma kumureba amusaba ko batangira gukorana kuko Asha Béatrice bakoranaga yitabye Imana. Kaliza amusubiza ko nta mafaranga y'igishoro afite ; undi amubwira ko azayamuha, bagatangira akajya amuhemba icumi ku ijana ry'inyungu. Kaliza ngo yavuze kandi ko azi Tajiri nk'umusirikare muri Kongo akorana n'umugabo we. Kuri uwo munsi w'iburanisha,(tariki ya 23 Mtarama 2006), nta n'umwe wemeye ko aziranye n'undi. Ku kibazo cyo kumenya impamvu Kaliza yasubizaga mu rurimi rw'igiswahili kandi bakibazwa mu Bugenzacyaha yarasubizaga neza mu Kinyarwanda ; umwunganira yashubije ko bashatse kumuzanira umusemuzi, abagenzacyaha bose barabyanga, bamwemerera gusubiza mu Giswahili kuko bose bacyumva.

Ku kibazo cyo kumenya ukuntu Tajiri yamenye Kaliza ageze Nyabugogo kandi batari baziranye, yavuze ko Polisi yamutelefonnye, ibona umudamu uyitabye, ihita imufata.

Mu gusoza, Perezida w'Urukiko yasabye impande zombi gutanga umwanzuro. Umushinjacyaha yasanze ibyo kuvuga ko Kaliza Béatrice bamwibeshyeho cyavaho kuko Tajiri, mu kubazwa kwe, yavuze ko uwo bakorana(umwohereza urumogi) ari Béatrice ufunze(Asha we yari yitabye Imana). Ubushinjacyaha bwasabye ko baguma bafunze kuko, barekuwe, bashobora gusibanganya ibimenyetso, bakaba banatoroka.

Maître Ndagijimana (uwunganira abregwa) we yasabye urukiko gukurikiza amategeko, kudakomeza gufunga abantu ku buryo bunyuranije n'amategeko(Détention illégale). Yongeyeho ko, ni biba ngombwa, bakurikiranwa bari hanze. Nta mpungenge zo gutoroka cyangwa gusibanganya ibimenyetso bari bakwiye kugira kuko biri mu maboko ya Polisi.

Urukiko rwafashe icyemezo cyo kuba rusubitse urubanza mu gihe gito ruzaba rwiga kuri ibyo byifuzo.

**Rubingisa Jean-Claude**

# Jenoside: Indishyi ni uburenganzira ariko amikoro y'igihugu ni make

*ibikurikira urup. 1*

Ikindi ni uko ugenekereje ukagerageza kureba agaciro koko kaba gakwiriye umuntu, usanga na none birenze ubushobozi igihugu gifite: igihugu cyacu cyasizwe iheruheru na jenoside, na cyo kikaba kirimo kisuganya, kandi tutirengagije ko kibarirwa mu bihugu bigikennye ku isi. Minisitiri Mukabagwiza ati iyo urebye ibyo byose ukagerageza gushyira mu mategeko indishyi, mu buryo budatesheje umuntu agaciro, usanga mu by'ukuri ari bya bindi uzananirwa gushyira mu bikorwa. Ati ibyo byose byaganiriweho. Kandi uko ubukungu bwacu buteye, uko ingengo y'imari igenda igaragara, buri munyarwanda wese arabizi. Ugasanga ari cya kibazo waba ukemuriye mu buryo bw'inyandiko z'amategeko, ariko bizamara imyaka n'imyaka, na wa wundi washakaga kugikemurira akazaba atakiriho.

Kandi ubundi akenshi iyo uha umuntu indishyi, cyane cyane bene izo z'imbonezamusaruro cyangwa z'impozamarira, zimufasha kongera kwisuganya, kongera kubaho, kongera kugira ibyo atunganya wa wundi yabuze utakiriho yashoboraga kumutunganyiriza. Uramutse rero uzanye izo ndishyi nyuma y'imyaka ijana na we atakiriho kubera ko utashoboye kuzibona akiriho ngo uzimuhe muri cya gihe yari azikeneye, mu by'ukuri izo ndishyi zaba zije nta kamaro.

### Indishyi zahabwa nde hagasigara nde?

Ibyo byose ngo abantu babiganiriyeho haboneka n'ikibazo cyo kureba mu by'ukuri ukwiriye izo ndishyi. Minisitiri ati:" Ni byo koko jenoside yabaye muri iki gihugu, ariko haboneka abantu bacitse ku icumu, kandi nta n'ubwo byashobokaga ko jenoside irimbura abantu bose; Imana ntiyanabyemera. Byumvikana ko twagize abantu bacitse ku icumu; barahari, bariho koko ntawe ubihakana."

Ariko noneho ngo ugiye kubara indishyi, ni ngombwa no kureba ukwiriye izo ndishyi. Mu gihe cyo kwegeranya ibitekerezo muri izo nama zavuzwe, abantu bakareba igikwiriye gukorwa, wasangaga ntaho wahera uvuga ngo uyunguyu ntazikwiriye kubera ko yaba afitanye isano n'uwishwe ku rwego uru n'uru. Ni ukuvuga ko ari nk'umubyeyi wishwe ukavuga uti „abana be nibo bakwiriye indishyi ukagarukiriza aho, wakwibaza impamvu abuzukuru be, bo baba basigaye. Ndetse ukaba wanavuga uti ese ababyeyi b'uwo mubyeyi cyangwa abavandimwe be, bo urabasigira iki? Nta kintu yari abamariye cyahungabanye cyangwa kitakigerwaho, ku buryo nabo bagombye kuba mu mubare w'abakwiriye indishyi?



*Indishyi zibonekeye igihe zafasha benshi mu bibazo batewe na jenoside*

Ibyo byose rero bigatuma mu by'ukuri abatekerezwa mu buryo bw'ubutabera busanzwe bagenerwa indishyi, ugasanga ari ibintu gushyira mu bikorwa bizagorana. Ibyo byose abantu babiganiriyeho, kandi bikanagongana n'ikibazo cy'uko u Rwanda ari igihugu gikennye. Ari mu gihe cya jenoside ntitwatabawe, ari no mu kurwana n'ingaruka za yo, usanga na none ari twebwe abanyarwanda ubwacu twishakamo ibisubizo.

### Basaba imbabazi ariko ntibafasha mu gutanga indishyi

Kugeza ubu ibihugu n'amahanga byagize uruhare muri jenoside n'ubwo hari abasaba imbabazi, ariko ntibatinyuka kuvuga bati : « kubera ibyo twakoze, dore ibyo turishyE u Rwanda. » Ugasanga rero u Rwanda rugiye gutanga indishyi mu buryo bw'ubutabera busanzwe, ari ibintu rwakwirwanaho, kuko kugeza ubu nta gihugu kivuga kiti : « ndaje kubafasha mu gukemura cya kibazo cy'indishyi za jenoside kuko natwe twayigizemo uruhare », nibura ngo bibe byaba bumwe mu buryo bwadufasha gusohoka muri icyo kibazo.

Ikibazo cy'indishyi cyaganiriweho mu birebana n'amategeko: Leta ntabwo ivuga ko indishyi zidakwiriye

Minisitiri w'Ubutabera yasobanuriye ikinyamakuru Inkiko Gacaca ko, mu biganiro byagiye bikorwa n'inama zagiye zikorwa n'inzego zinyuranye ku birebana n'amategeko, ikibazo cy'indishyi cyagiye cyitabwaho. Ndetse no mu itegeko rigenga Inkiko Gacaca ryagiye riganirwaho kenshi n'inzego zinyuranye, rigera aho rigenda ryemezwa muri izo nzego zose kugera ku Nteko ishinga amategeko. Iteka icyo kibazo cyaganirwaho, abantu bakareba uburyo bakibonera igisubizo.

Byagaragaye rero ko ari ikibazo kiremereye, cyane cyane ko igihugu cyacu kigifite ibibazo byinshi, kikaba kigomba kwisana muri byinshi biremereye kubera mu by'ukuri cyasizwe iheruheru na jenoside yaturutse muri 1990 kugera muri 1994. Bigaragara ko icyo kibazo cy'indishyi kugiha igisubizo mu buryo bw'amategeko asanzwe bigoye.

Nk'uko Minisitiri w'Ubutabera abisobanura, Leta y'u Rwanda ntabwo ivuga ko indishyi zidakwiriye, kuko yemera amahame n'amategeko agenderwaho mu rwego rw'ubutabera busanzwe. Ariko Leta ikavuga iti muri iki gihe ntibidushobokera kubera izo mpamvu zose nagaragaje. Mme Mukabagwiza ati « nta n'ubwo Leta yakwizeza ibintu abanyarwanda ngo ejo inanirwe kubishyira mu bikorwa ». Yasobanuye ko uko kunanirwa kubishyira mu bikorwa atari ubushake buke, ahubwo ari ukubera amikoro y'igihugu make.

Ariko noneho turebye nka Leta, icyo za ndishyi zagombaga kumarira uwacitse ku icumu ni ukongera kumukurayo : zikamukura hahandi yasizwe iheruheru, niba ari uburyo bw'imibereho bukongera bukazamurwa, niba ari umuntu wamurihiriraga amashuri akaba atakimufite, ibyo bintu bikitabwaho. Niba ari abantu bageze mu zabukuru bakaba badafite ubitaho kubera ko jenoside yabamazeho abana, ibyo byose Leta ikaba ibitekerezaho igira iti turebe uburyo duha igisubizo ibibazo by'imibereho wa wundi utakiriho yakagombye kuba yasubiriza abe barokotse jenoside.

Ibyo Leta yabitekerejeho biteganywa no mu Itegeko n°16/2004 ryo kuwa 19/06/2004 rigenga Gacaca, aho rivuga ko hazashyirwaho itegeko ryihariye rigena ibyakorerwa ➡

# Jenoside: Indishyi ni uburenganzira ariko amikoro y'igihugu ni make

*ibikurikira urup. 4*

abahohotewe na jenoside.

Minisiteri y'Ubutabera, yifashishije ibitekerezo byakusanyijwe hirya no hino mu baturage, yateguye imbanzirizamushinga w'iryo tegeko rigena ibyakorerwa abacitse ku icumu. Hari n'abatekereza bati ko hakurikijwe uko u Rwanda rumeze ubungubu, bishoboka ko hatabaho indishyi mu buryo busanzwe, ahubwo kikaba ikintu « symbolique » (gishushanya indishyi). Ikindi cyatekerejweho kandi Leta yitayeho ni uko mu buryo bwo kugira igikorerwa abahohotewe na jenoside bwasubizwa mu buryo bw'ikigega cyashyirwamo inkunga ihagije yo kubafasha mu mibereho yose inyuranye umuntu yatekereza.

**Ese umuntu yakwikurikiranira indishyi nk'uko bikorwa mu butabera busanzwe?**

Kuri icyo kibazo, Minisitiri w'Ubutabera asanga bitakemura ikibazo, kuko usanga hari uwakurikirana indishyi k'umuntu utazabasha kumwishyura kubera ko nta bushobozi afite (insolvable). Ugasanga umuntu yiciye undi hafi umuryango we wose, amusenyera amazu, amumaraho n'ibintu. Wajya kureba ugasanga agomba kumwishyura miliyoni zigera kuri 200. Ariko wamureba ugasanga uwo muntu ugomba kuriha ayo mafaranga atagira n'urwara rwo kwishima. Ubwo rero ukibaza uti :"Ese n'ubwo yamutsindiye indishyi mu rwego rw'amategeko n'ubutabera busanzwe, uretse kwizezwa izo ndishyi mu bitekerezo no mu nyandiko z'imikirize y'urubanza, mu by'ukuri izo ndishyi zizava hehe?"

Hari n'undi noneho ushobora kwaka indishyi umuntu ufite ubushobozi bwo kuzitanga, afite umutungo n'ibintu byagurishwa, bityo akaba yashobora gutanga indishyi.

Aho rero ni ho Leta yarebeye abaturage bose: bariya bantu bombi ingaruka za jenoside zabagezeho, bababaye kimwe. Ntabwo rero Leta yavuga ngo umwe agira amahirwe kuko yakurikiranye ufite ibyo yamuriha, noneho ngo undi agize ingorane kuko yakurikiranye utabibona.

**Leta irashaka gushyiraho ikigega**

Akaba ari yo mpamvu Leta yarebye impande zombi ikavuga ko hajyaho ikigega cyo gufasha abacitse ku icumu kugira imibereho myiza(Social Support Fund). Icyo kigega kikaba cyafasha kuba igisubizo no kuri wa wundi wakurikiranye abadafite ubushobozi bwo kumuriha (insolvables). Minisitiri ati akaba ari muri ubwo buryo turikugenda twegeranya ibitekerezo nk'abanyarwanda kugira ngo noneho uwo mushinga w'itegeko ube waboneka.

**Mu gihe itegeko ritarashyirwaho Leta ntiyarekeye aho**

Mukabagwiza Edda aragira ati:"Kuva aho FPR-IKOTANYI ihagarikiye jenoside, Leta y'ubumwe yashyizweho ntiyicaye ngo ifunge amaboko irekere aho. Ahubwo yakoze uko ishoboye yita ku mibereho myiza y'abanyarwanda muri rusange, ariko by'umwihariko ku mibereho myiza y'abacitse ku icumu. Ari nabwo hashyizweho kiriya kigega cyita ku bacitse ku icumu batishoboye (FARG).

Leta ikaba ikaba ikora uko ishoboye buri mwaka igashyira muri icyo kigega 5% y'ingengo y'imari y'igihugu. Leta ikavuga iti muri iki gihe tutarabasha kugera ku bindi, ariya mafaranga abe afasha ba bandi batishoboye koko bacitse ku icumu. Ayo mafaranga ntabwo ahagije kuko iyo ugiye mu mibare usanga ibikenewe bikiri byinshi. Akaba ari na yo mpamvu Leta ivuga iti turebe uburyo bunini bwagutse kurushaho, ndetse n'ibihugu byagize uruhare muri jenoside byemera ko bishobora no kwitabira kudufasha gutera inkunga icyo kigega. N'umuryango mpuzamahanga na wo uzi uruhare wagize muri jenoside, bishoboka ko wadufasha. Cyane cyane ko hari umwanzuro watekerejweho mu rwego rw'umuryango w'abibumbye. Kubera ko ngo mu byo uwo mwanzuro wavuzeho harimo no gufasha abacitse ku icumu rya jenoside mu Rwanda, Leta igasanga ibyo byose ari inzira yashoboka mu kuyifasha kongera inkunga. Noneho aho u Rwanda rutakwifasha rwonyine, rukaba twabasha kubona iyo nkunga ituruka mu mahanga. Minisitiri w'Ubutabera ati:"Twumva rero ari ibintu bishoboka."

**Gahunda ya Leta yo gutuma abana bose biga: igisubizo ku mfubyi za jenoside**

Ngo uretse rero n'ibikorerwa mu rwego rwa FARG, ntabwo Leta yatereye iyo, ahubwo yakomeje kwegera abanyarwanda mu buryo ishoboye. Urugero ni nka gahunda yo kugira ngo abana bose bige. N'ubwo havugwa abana bose muri rusange nk'abanyarwanda, ariko byabaye n'igisubizo ku bana bacitse ku icumu b'imfubyi batashoboraga kujya babona amafaranga yo kwirihira amashuri abanza n'ay'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye.

Ibyo byose ni gahunda Leta ishyiraho nko kubaka amacumbi. Yenda ugasanga igisubizo kitabonetse koko cyose icyarimwe, ngo amacumbi yose akenewe aboneke, kuko n'ubu haracyari ahakenewe amacumbi henshi. Ariko ibyo byose ni ibisubizo Leta yagiye ishaka, ahanini ihereye kuri wa wundi ubabaye cyane, kugira ngo ibyo bibazo bibashe kubonerwa ibisubizo.

Ariko noneho mu buryo bunini Leta itekereza ndetse bushobora no kugera ku bacitse ku icumu batishoboye n'abishoboye mu buryo bwo kwemeza icyabakorerwa, ibyo ngibyo ni byo dutekereza gusobanura muri uwo mushinga.

**Ubutumwa bw'umwihariko ku kibazo cy'indishyi**

Minisitiri w'Ubutabera arasanga abacitse ku icumu badakwiye kumva ko Leta yabatereranye ku bijyanye n'indishyi, kuko Leta idahwema gutekereza kuri icyo kibazo, no kureba uburyo cyakemuka, ndetse byanashoboka bigakemuka burundu. Leta ikaba yarakoze ibyo ishoboye kugeza ubungubu.

Ikindi ni uko Leta itirengagiza yuko indishyi ari ihame riri mu mategeko no mu buryo bw'uburenganzira bwa muntu. Ariko na bo, Leta barayizi, ntako itagira. Ibyo yagerageje gukemura kuva FPR-INKOTANYI ihagaritse jenoside barabizi. Hejuru y'ibyo rero, nta muntu ukwiye kuvuga ati:"Ndaho, ndirya nkimara, ntawe untekereza, nta n'unyitayeho!"

Izo gahunda zagiye zishyirwaho hamwe na FARG yashyizweho, ibyo byose byakozwe kugira ngo abantu bakomeze batekereze no ku batishoboye. Ibyo bikaba bigaragaza uburyo Leta koko itatereranye abantu.

Kandi ngo kuba hari ibitekerezwaho n'iyo mbanzirizamushinga w'itegeko, biragaragaza ko Leta igishishikajwe no kugira icyo ikora. Akaba ari na yo mpamvu twifuza ko badufasha, muri ibi bitekerezo dushaka, buri wese akagira icyo adufasha, akavuga icyo abona cyakorwa.

Kugira ngo Leta ishobore gusubiza ibibazo by'abantu, cyane cyane abacitse ku icumu, Minisitiri w'Ubutabera akaba abasaba kuzitabira inama zinyuranye bazahamagarwamo, bityo abarebwa n'uwo mushinga w'itegeko bose bakawufatanya, n'ibitekerezo bizaba bikubiyemo bakabisangira, kugira ngo ubashe gukomeza mu nzego zinyuranye.

Minisitiri Mukabagwiza yashoje icyo kiganiro yibutsa ko gahunda z'igihugu ziri hirya no hino zitagira uwo zikumira. Avuga ko muri gahunda zinyuranye, ari izo guteza imbere ubukungu bw'abaturage guturuka hasi mu cyaro, nta muntu ugomba kumva ko we zitamureba. Ahubwo ngo twese dukwiye gufatanya muri izo gahunda zinyuranye, noneho iyo yindi niza, na yo izabe inyongera yo gukomeza gufasha mu kwiteza imbere no kuzamura imibereho.

**Byakiriwe na Vénuste Kayihura**

# Kayenzi: Ibibazo mu iburanisha imbere y'Inkiko Gacaca bimaze kugaragara

*Nyuma y'amezi arenga 10 Inkiko Gacaca z'imirenge zitangiye kuburanisha, twashatse kumenya umuvuduko zikorana, ibibazo zihura nabyo, uko inyangamugayo ubwazo zibona icyo gikorwa n'icyakorwa kugira ngo zirusheho kwihutisha imanza. Twegereye urukiko rwo mu murenge wa Kayenzi rukorera i Nyamirembe mu Karere ka Kamonyi, rumwe mu Nkiko Gacaca zikorana umurava, rudasiba cyangwa ngo ruzarire mu mikorere, tuganira n'inyangamugayo zigize inteko y'urukiko.*

**Ni benshi bamaze gukatirwa**

Perezida w'Inteko y'urukiko, Ndayisenga Siriro, umugabo biboneka ko ayoborana urukiko ubushishozi, yaratubwiye ati tumaze kuburanisha amadosiye ari hagati ya 12 na 15. Ariko muri izo manza zimaze gucibwa, hari igihe rumwe rwabaga rurimo abantu barenga icumi bavugwa mu idosiye imwe. Ati urwo turiho tuburanisha muri iki gihe, ruzwi ku izina ry'urubanza rwa Musekera n'abo bari kumwe, rushobora kuzaburanishirizwamo abantu barenga n'ijana. Ni urubanza ruhuza abantu bo mu mirenge itatu yahuriraga kuri bariyeri yari ishinzwe hagati y'iyo mirenge. Kandi uwo Musekera uvugwa ku isonga ry'abaregwa, wari umwe mu bakuru b'iyo bariyeri, hari ubwe yivugira, hakaba n'abavugwa n'abandi.

Perezida w'Inteko ati ibyo birakwereka bimwe mu bibazo inkiko gacaca zihura nabyo bigenda binakerereza imikorere y'inkiko n'iburanisha ry'imanza.

Amadosiye ahurirwamo n'abantu bo mu mirenge inyuranye, bisaba igihe kubatumira no ku babona. Hari n'igihe bamwe mu bavugwa, baba badatuye ino, bibera nka za Kigali, ubwo bigasaba kubashakisha ngo nabo bazaze bisobanure mu rubanza.

Ikindi ni uko abavugwa muri dosiye bafunze, nabo bari muri gereza zitandukanye. Bamwe bakaba bafungiye i Gitarama, abandi bari i Mpanga, nabo kubegeranya bikarushya kandi bigatwara igihe, bikaba byanadindiza iburanisha.

**Ubwirege bw'abemeye icyaha ntibuboneka**

Ikindi kibazo gikunze kudindiza imanza, ni uko tubura ubwirege bw'abemeye icyaha bari mu magereza cyangwa bafunguwe by'agateganyo, bakaba bari hanze. Iyo tubatumije kuburana, tuba dukeneye kumenya ibyo bireze, ngo tubihuze muri Gacaca y'Akagari n'ibyabavuzweho. Kuri bamwe,ubwo bwirege burabura,kandi bibaho kenshi. Ntituzi uwo buburiraho, niba ari umuhuzabikorwa wa gacaca mu Karere, niba ari ubuyobozi bwa gereza budashyikiriza ubwo bwirege abo bugenewe,niba se ari parike itabutanze, ntituzi ufite uruhare muri ubwo bukererwe, ariko niko bimeze. Tubajije umuhuzabikorwa wa Gacaca mu Karere ukorera i Kayenzi, ati „ nanjye muzamfashe kubibaza, kuko mbaza ubwo bwirege kuri parike simbubone. Ati si amakosa yanjye, mba nagerageje, ariko simbubone". Birumvikana ko icyo kibazo kigomba gukemurirwa hagati y'ubuyobozi bwa parike, n'urwego rukuru ruhuza ibikorwa by'inkiko gacaca. Igitangaje ni uko icyo kibazo twatangiye kukigaragaza kuva mu itangiriro rya gacaca, kuko n'urukiko rw'Akagari ruba rukeneye kumenya abirega ( cyane cyane abafunze) no kubona ubwirege bwabo, kuko bigira uruhare mu kubashyira mu byiciro by'icyaha, uhereye ku gihe biregeye.

Abaregwa nabo baba bakeneye ko ubwirege bwabo bugaragara, kugira ngo ababuranisha batababwira ngo aha urabeshya cyangwa ibi ntiwabivuze mu bwirege bwawe,wireze igice. Urwego rukuru ruhuza ibikorwa by'Inkiko gacaca rukwiye gukora uko rushoboye icyo kibazo ntigikomeze kuboneka kuko ni kenshi byagiye bidindiza imanza.

**Kubeshya, kwirega nabi, bikurura ingorane zitewe no kugenzura ibimenyetso**

Perezida w'Inteko y'urukiko ati ikindi cyagaragaye gikunze gutinza iburanisha ni ukugenzura ibimenyetso cyane cyane iyo hari ababeshya , abirega igice n'ababeshyera abandi. Ati ibyo ni ibintu dukunda kubona, byaba biturutse kubashinja cyangwa ku baburana ubwabo. Muri ibyo bice byombi habonekamo kubeshya. Kugenzura ibimenyetso bikarushya kandi bigasaba igihe,bigatuma urubanza rutarangira vuba. Akenshi usanga no mu bireze harabayemo kubeshya, baragerageje kwemera ibyoroshye, ari nabyo byatumwe bamwe bafungurwa, ibikomeye bakabibikira. Bagera imbere y'urukiko ugasanga barahindura amagambo,bitewe n'ibyo basanze byaramenyekanye batari babyiteze. Baba barabeshye ku mpamvu zinyuranye. Mbega wagira ngo mu gihe biregaga, abenshi ntibari bazi ko bazaburanira ku mirenge yabo imbere y'abaturage babazi, bazi n'ibyo bakoze. Basa n'aho bari biteze kuzaburanira imbere y'inkiko zisanzwe. Ku baburana bari hanze batigeze bafungwa, nabo harimo bake bemera, abandi bagahakana .gushakisha ibimenyetso kugira ngo utandukanye ukuri n'ikinyoma, nabyo bigasaba umwanya,bigakerereza iburanisha. Perezida w'Inteko, Ndayisenga Siriro ati, „ uwirega abeshya,birutwa no kutirega, kuko ateza ibibazo byinshi, bifata no kubo abeshyera. Abashinzwe kwigisha abaturage, n'abandi bakiri mu magereza, bakwiye kubegera bihagije, bakabasobanurira ko uwirega aba akwiye kugerageza kuvugisha ukuri cyangwa akicecekera." Kuvugisha ukuri bifasha bose. N'utanga imbabazi iyo yumvise uwirega avuze ibintu uko byagenze , birushaho kumworohera kubabarira. Ariko iyo yumvise abeshya, bisa no kumwicira kabiri, kandi akumva ko uwo muntu ubeshya atanicuza. Kuri icyo cyo kubeshya, tubajije n'uwaje kuburana witwa Bizimungu Dieudonné, ati abantu benshi barabeshya, ari abashinja, ari n'abaregwa. Naho Habineza Manase, wafunguwe by'agateganyo ati" Intego za gacaca mu ntango sizo zikiriho, yabaye urubuga rwo guhangana no kwihorera kubw' ibibazo n'inzangano bisanzwe biba mu bantu.

**Umutekano w'inyangamugayo mu guca imanza**

Twashatse kumenya niba nta nyangamugayo zitotezwa kubera imanza zaciwe. Ati kugeza ubu nta kibazo kinini kiraboneka, kuko imanza ziciriwe muri gacaca usanga ziciwe neza. Inteko ifunze umuntu arengana, byakurura amakimbirane maremare haba mu muryango no ku murenge wose. Ukatiwe igihano kirekire niwe biremerera, ariko batubaza na nyuma y'imanza bati kuki uriya muntu mwamukatiye iriya myaka, tukabasobanurira icyo itegeko rivuga, kandi nawe aba azi ibyo yakoze, bakabyakira. Ariko nanone,ikigaragara ni uko biriya bihano by'imyaka 25 na 30 birabakanga, ugasanga bavuga bati hariya bakabije, iyo boroshya. Ariko tukabasobanurira uko itegeko rimeze. Ikindi ni ku basaza bafite mu myaka nka 60. Iyo urukiko rumukatiye imyaka nka 30 kandi atazayimara akiriho, nabyo usanga babyibazaho, ariko nanone itegeko ntiritoranya, riba rimwe kuri bose.

**Kubeshyerana ihohoterwa rishingiye ku gitsina bishobora kuzateza inzika n'inzangano zikomeye**

Ikintu inyangamugayo zahurijeho, ni impungenge zituruka ku cyaha cy'ihohoterwa ubu kigenda gifata intera ndende. Perezida w'inteko ati uko tubibona, icyo cyaha gishobora kuzazana ibindi bibazo nibatakitondera. Habayemo kubeshyerana, umuntu akagambanirwa akagerekwaho icyo cyaha, kandi gishyira umuntu mu rwego rwa mbere. Ati mugomba kubitekerezaho, kuko umuntu ashyizwe mu rwego rwa mbere arengana, biturutse ku kagambane, byakurura inzigo mbi mu miryango yagira n'ingaruka. Ibyo bivugwa nko ku ihohoterwa cyangwa ibijyanye no kwica urubozo imirambo. Igihano gitanzwe ku cyaha umuntu atakoze, gitera ipfunwe n'uburakari bwinshi bushobora gukurura ibindi bibazo.

Ikindi inteko yifuje,ni uko leta y'u Rwanda yagerageza, bariya bahoze ari abategetsi n'abandi bafungiye Arusha, bajya bazanwa kuburanira aho icyaha cyakorewe, nk'uko abo bakoresheje babyifuza, kandi nabo bagahabwa umwanya wo kwicuza, n'ukuri kukarushaho kumenyekana.

Mu mwanzuro: Perezida w'inteko y'urukiko yasabye abirega cyangwa abatanga ubuhamya, bashinja cyangwa bashinjura, kujya bagerageza kuvugisha ukuri, kuko kubeshya no kubeshyerana, bigora urukiko bikagira n'ingaruka mbi ku wabeshye. Ababuranira imbere y'inkiko gacaca bemeza ko bahabwa umwanya uhagije wo kwisobanura no kwiregura.

Uburenganzira bw'abaregwa usanga bwubahirizwa. Icyo bamwe banenze, ngo ni ukudahabwa umwanya uhagije wo kwitegura bamaze kumenyeshwa ibyo baregwa.

**Cyrien Kanamugire**

# Inkiko ntizafunze imiryango ahubwo zirategura ihererekanyabubasha

***Hari abavuga ko Inkiko zahagaze muri iki gihe, umuntu akaba yavuga ko atari byo kuko zitafunze imiryango. Kubera ko habayeho gahunda yo kuvugurura inzego z'ubutegetsi, iryo vugurura ryagize ingaruka ku miterere y'inzego z'ubutabera, kuko uko ziteye cyane cyane duhereye kubirebana n'inyito, nk'Inkiko zitwaga iz'Uturere, Inkiko zitwaga iz'Intara zabaga zifite inyito ihura n'iy'urwego rw'ubutegetsi rukoramo, ni ukuvuga ko urukiko rw'Akarere rwabaga ruhuje inyito n'iy'Akarere rukoreramo.***

Rwa rukiko rw'Intara narwo rukagira inyito ihura n'iy'Intara rukoreramo. Na none ufashe ibijyana n'imbibi bita amafasi ku bijyanye n'Inkiko, Urukiko rw'Akarere rwagiraga ifasi ingana n'iy'Akarere rwakoreragamo. Urukiko rw'Intara narwo rukagira ifasi ingana n'Intara rwakoreragamo. Bivuga ngo n'ububasha bushingiye ku ifasi y'urukiko bwabaga bugendeye ku mbibi z'urwego rw'ubutegetsi urwo rukiko rwabaga rurimo. Habayeho guhindura, ari inyito ndetse n'imbibi by'inzego z'ubutegetsi. Birumvikana ko byahise bigira ingaruka ku nzego z'ubucamanza. Biba ngombwa rero ko abantu bongera gusubira ku mategeko ajyanye n'imiterere n'ububasha by'Inkiko kugira ngo habeho kuyahuza n'imiterere mishya y'inzego z'ubutegetsi. Aya ni amwe mu magambo ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Madamu Aloyiziya Cyanzayire, iyo abajijwe impamvu Inkiko zisa n'izidakora neza muri iki gihe.

Mu bitekerezo bikubiye mu mushinga woherejwe mu Nteko, hariho guhindura inyito ku cyari Urukiko rw'Akarere kikitwa Urukiko rw'Ibanze. Icyari Urukiko rw'Intara kigahinduka Urukiko rwisumbuye. Kubijyanye n'amafasi (ressort) nabyo bigahinduka kuko ubusanzwe twari dufite uturere n'Umujyi wa Kigali 106, ubu Uturere tukaba twaragabanutse tugasigara ari 30. Ntihakurikijwe uwo mubare rero kugira ngo hashyirweho Inkiko.

Hifujwe ko buri Karere kagira inkiko ebyiri, bityo Uturere 30 tukagira Inkiko 60. Icyarebwe muri uko kugena amafasi mashya y'Inkiko, ni uburyo bakomeza kwegereza ubucamanza abaturage.

Ubundi iyo baguma ku gitekerezo cya mbere, Inkiko zari kuba 30 nk'uko Uturere tungana. Ariko abari kubikora bari kuba bajyana ubutabera kure y'abaturage kuko inzego z'ubutegetsi zo zifite inzego zikorera ku rwego rw'imirenge kandi zifite ingufu.

Ubucamanza rero ntibuhagarariwe ku rwego rw'imirenge kuko bitanashoboka; ku buryo barebye bagasanga basigarana Inkiko 60. Iyi ni imibare ishobora guhinduka kuko amategeko atari yemezwa. Uko uwo mubare ugerwaho, harebwe icyo cyo gukomeza kwegereza ubucamanza abaturage, harebwa ingendo abaturage bashobora gukora kugira ngo bagere aho urukiko ruri, ariko hanarebwa n'ikindi cy'ingenzi cyo kureba uburyo Inkiko zakwegera ahantu hari ibikorwa remezo by'ibanze, nk'ahari inzu urukiko rwakoreramo, rushobora kubona amashanyarazi, telefoni n'ibindi bya ngombwa abakora mu biro bakunda gukenera kugira ngo bashobore gukora. Muri ziriya Nkiko 106 twari dufite, hari harimo izidafite aho zikorera, zimwe ahantu ziri hadashobora kuzagera amashanyarazi, nta telefoni ishobora kuhagera ugasanga mu by'ukuri uburyo urwo Rukiko rukora rudashobora kuzatera imbere; rwitwa ngo ni Urukiko gusa ariko rudashobora gukoresha mudasobwa (ordinateur). **Bivuga ko nta n'umusaruro rushobora kugeraho.**

Iki rero nacyo cyitaweho cyane mu kugena imbibi nshya, bareba ahantu babona bishoboka gushyira ibikorwa remezo cyane cyane nk'ahegereye izindi nzego z'ubuyobozi, n'aho ibikorwa remezo byari bisanzwe biri.

Ikindi cyitaweho ni imibare y'imanza muri ziriya nkiko. Hari inkiko zari ziriho ariko zitagira imanza nyinshi. Hakaba n'izindi zari zifite imanza nyinshi zo zirenze. Nk'Urukiko rwa Butamwa, ho muri Kigali y'Umujyi hari igihe rwari rufite imanza 3 gusa hashize igihe zirazamuka zigera kuri 13. Urukiko nk'uru, nta mpamvu yo kurugira. Inkiko zifite imanza nkeya rero zagiye zegeranywa kugira ngo hasaranganywe umubare w'imanza muri izo Nkiko zose, kugirango umubare w'Inkiko 60 ubone kugerwaho.

Bityo rero Uturere ntituzagira Inkiko zingana, kuko hari aho uzasanga kamwe gafite Inkiko 2, akandi gafite Inkiko 3 kubera ubwinshi bw'imanza zihiganje. Nk'i Kigali bagira imanza nyinshi ariko Kibungo bakagira imanza nkeya. Kuburyo hari akarere ko muri Kigali uzasangana Inkiko 3, naho Akarere k'ahahoze ari Kibungo gafite Urukiko rumwe.



*Urukiko rw'Ikirenga ntirwahinduye icyicaro*

**Inkiko z'Intara zizitwa Inkiko zisumbuye**

Ku bijyanye n'inkiko zahoze ari iz'Intara ubu zihinduka izisumbuye, imibare na yo ntabwo ingana n'uko intara zingana ubu ngubu. Ubu twasigaranye intara 4 kongera ho umujyi wa Kigali wa 5, bivuga ngo iyo hakomezwa uwo murongo kugira ngo Inkiko zingane n'inzego z'ubutegetsi hari kuba Inkiko zisumbuye cyangwa iz'Intara 5. Ariko kwa gushaka gukomeza kwegereza ubutabera abaturage, Inkiko zisumbuye ziguma ari 12 ntizigabanuka, kandi zizakomeza gukorera hahandi n'ubundi zari zisanzwe zikorera. Ikizahinduka gusa ni imbibi n'amafasi yazo, kuko uturere zashingiragaho kugira ngo amafasi yazo agenwe natwo twariyongereye cyangwa turanahinduka n'imbibi zatwo zirahinduka ku buryo bigira ingaruka mu kugena amafasi y'izo nkiko. Ariko bazakora ku buryo Urukiko ruzangana n'uko rwari rusanzwe rungana.

Ku rukiko Rukuru rwa Repubulika, ho ntibihinduka cyane ariko igihinduka ni imbibi. Kuko twagenderaga ku mbibi z'Intara, none zikaba zarahindutse, bizasaba rero ko bagendera ku mafasi y'inkiko zisumbuye, ariko ni akantu gato bahindura. Amashami ya rwo na yo ashobora guhinduka uretse Nyanza itarahindutse. Ariko nujya cyangugu kuko itakibaho ushobora gusanga rwarahawe irindi zina. Nka Ruhengeri nayo ishobora gufata irindi zina, ariko nk'urw'Umujyi wa Kigali ntirushobora guhinduka.

Izi mpinduka zose zatumye n'amategeko agomba guhindurwa, n'itegeko nshinga rirahinduka, bikaba bisaba rero ko muri kino gihe hategerejwe ko amategeko asohoka

*komeza ku rup. 14*

# Utugari n'Imirenge bya Gacaca ntibizahinduka

Inzego nkuru ziyobora igihugu zifuza ko gahunda y'Inkiko Gacaca yakwihuta, imanza zigacibwa zikava mu nzira. Akaba ari yo mpamvu mu guhuza imitegekere y'igihugu cyacu hifuzwa ko Inkiko gacaca zakomeza gukora nkuko ziri, bityo umurenge Gacaca ukaba nkuko wari uri mbere y'ivugururwa ry'imitegekere y'igihugu, bityo ugatandukana n'umurenge nkuko wavuguruwe muri iki gihe, kimwe n'akagari. Nta kundi bizakorwa rero uretse kubinyuza mu itegeko ngenga. Uwo mushinga ukaba warashyikirijwe inzego zibifitiye ububasha, inama y'abaminisitiri ikaba iherutse kuwushyigikira. Ubu Umushinga uri mu Nteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite.

**Ivugurura ryagize ingaruka ku miterere n'imikorere by'Inkiko Gacaca**

Muri iki gihe imiterere y'imirenge yarahindutse, kuko itegeko ngenga N° 29/2005 ryo ku wa 31/12/2005 rigena inzego z'imitegekere y'igihugu cy'u Rwanda rishyiraho imirenge mishya, ahenshi usanga imbibi zayo zikomatanya imirenge myinshi ugereranyije n'iyari isanzwe.

Kubera izi mpamvu, Inkiko Gacaca ntizishobora gukomeza gukora kuko zahura n'ikibazo cy'ububasha bushingiye ku ifasi n'imiterere y'inzego zazo harimo n'icy'inyangamugayo nkuko zabitorewe. Ni ngombwa rero ko itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko gacaca rivugururwa, ku butyo zikomeza kugira ububasha ku butaka zakoreragaho. Zigumanye aho zakoreraga, byatuma gahunda y'ikusanyamakuru n'iy'ibranisha bidahungabana, bigatuma nta yandi matora y'Inyangamugayo yongera kuba. Muri rusange bikaba byakiza byinshi umuntu atakwirirwa arondora.

Madamu Mukantaganzwa Domitila aratangaza ko uwo mushinga w'itegeko uramutse wemejwe uko uteye mu gihe kitarambiranye Gacaca yaba irangije inshingano zayo mu gihe yahawe.

**Ibyiza byagezweho ntibizasubira inyuma**

Iyo abakora mu rwego rw'igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca bareba imibanire y'abaturage muri ya mirenge y'icyitegererezo, nk'abagize uruhare muri jenoside n'abayirokotse, ngo na byo bibaha icyizere ko Gacaca izabageza ku ntego y'ubumwe n'ubwiyunge, kuko imibanire yabo itakigaragaza ubukana cyangwa ubusharire nkuko byari bimeze. Gacaca ngo ni yo yatumye begerana, ibaha urubuga rwo kurebana amaso ku yandi no kuvugana, n'ubwo amateka baba bavugana ari amateka mabi, ariko ni amateka y'ubuzima bwa bo nk'abanyarwanda. Ngo tugomba kwiga kubana na yo n'ubwo bigoye.



*Haracyatekerezwa byinshi kugira ngo habeho ubutabera bubereye abaturarwanda*

**Abayobozi 28 000 bazashyirwa ku rutonde nk'abandi**

Ibihumbi makumyabiri n'umunani by'abayobozi birashinjwa kugira uruhare muri jenoside. Si bo bonyine kuko hari ibihumbi makumyabiri na bitandatu by'abahoze ari inyangamugayo na bo bashinjwa. Aba, madamu Mukantaganzwa avuga ko aho bigeze aha abayobozi bafatwa nk'abandi banyarwanda bagize uruhare muri jenoside. Ngo ntacyo bihindura kuri gahunda y'inkiko gacaca, bazashyirwa ku rutonde nk'abandi.

Kuba ari abayobozi kandi bavugwaho jenoside, arabasaba ko bitababera impamvu yo kuburizamo imigendekere myiza y'inkiko gacaca kuko iyo umuntu ari umuyobozi aba afite imbaraga zakora ibyiza n'izakora ibibi. Hari abayobozi n'inyangamugayo bihishe mu bukangurambaga bwa Gacaca, kandi na bo banduye. Aho bwakoze nabi urwego rwa gacaca rwarahikoreye, ngo bakaba banafite gahunda yo gukomeza ubukangurambaga mu majyepfo mu duce duhana imbibi n'u Burundi, mu Bugarama mu cyahoze ari intara ya Cyangugu ndetse no mu mujyi wa Kigali kuko ahenshi batitabira gacaca. Ngo bibwira ko bayizi kuko bamwe baba barize abandi ari abasirimu, ariko ugasanga mu mikorere ya bo cyangwa mu myumvire ya bo bafite ubukererwe ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Hose bazahashyira imbaraga kugira ngo imyumvire izamuke.

**Umutekano w'abacitse ku icumu n'uw'abatangabuhamya ni ibyo guhabwa umwanya w'imbere.**

Hari byinshi bidatangazwa biburizwamo n'inzego z'umutekano zifatanyije n' abahuzabikorwa b'inkiko gacaca n'inzindi nzego z'ubuyobozi bw'abaturage. Hari ibyo zagiye zitahura mbere bigakumirwa. Mukantaganzwa, avuga ko ari ikibazo kuko hirya no hino mu maraporo kigenda kigaruka. Hari za tragite (impapuro zidasinye) zagaragaye i Musanze, haracyavugwa abicwa, yemwe n'inyangamugayo zikora neza hamwe na hamwe ziratotezwa. Byavuzwe muri Rubavu, i Karongi, muri Kirehe n'ahandi, cyane cyane mu mwaka ushize w'2005, byerekana ko hari abantu batarava ku izima. Ntibishimishije rero.

Kumva umuntu upfa muri iki gihe azize ko yavuze uwishe mu gihe cya jenoside, kumva iyi nkuru na byo ubwa byo birahungabanya. Iki ni ikibazo gikwiye ingamba zihamye zatuma kirangira burundu. Gacaca rero nirekerwe imbibi za yo koko kugira ngo amateka ya jenoside atazasibangana.

**Gasasira Gaspard**

# Imibereho y'Inyangamugayo igiye kuzamurwa

***Mu mpera z'umwaka w'2005, abashakashatsi 12 bayobowe n'umuhuzabikorwa wabo, Madamu Kanakuze Jeanne d'Arc, bashyize ahagaragara raporo y'ubushakashatsi bakoze ku bikorwa byo kuzamura imibereho y'Inyangamugayo.***



*Inyangamugayo zose kimwe n'izi z'i Nyamasheke bishimiye ibitekerezo byatanzwe bigamije kuzamura imibereho yazo*

Ubwo bushakashatsi bwatangiye muri Kanama, burangira mu Ugushyingo 2005; bukaba bwaratewe inkunga n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, rufatanyije n'umushinga w'ababirigi CTB (Coopération Technique Belge). Nk'uko raporo ibigaragaza, icyiciro cya mbere cy'ubwo bushakashatsi cyari kigamije gutanga urutonde rw'ibibazo byagombaga gusubizwa n'Inyangamugayo kugira ngo haboneke umurongo w'ibyazikorerwa mu rwego rwo kuzamura imibereho yazo.

Buri mushakashatsi mu Ntara, yatanze anakusanya amakaye y'ibibazo byagombaga gusubizwa na buri Rukiko Gacaca rugizwe n'Inyangamugayo 14. Amakaye yose hamwe yatanzwe ni 12.023, ayabashije kugaruka ni 10.822 (89,4%).

**Uko inyangamugayo zifuje ko inkunga yatangwa**

Izigeze kuri 56,9 % zifuje guhabwa amafaranga ; 16,4 % zifuje kuvuzwa ; 7,6 % amahugurwa ; 6,2 % zifuje koroherezwa mu ngendo; 5,3 % zifuje kwishyurirwa amashuri y'abana; 3,6 % zifuje guhabwa agaciro mu bantu; 3,2 % bifuje ibikoresho by'akazi ; n'aho 0,8 % zifuje ibindi.

Mu bindi zifuje twavuga nko guhabwa inkunga y'ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi (46,9 %); imbuto n'ifumbire (6,2 %); umusanzu mu ishyirahamwe ry'Akarere/ Umujyi
(37,8 %); iry'Umurenge (65,7 %), no muri banki y'abaturage (87,8 %). 94,4 % zifuje ko habaho Umunsi mukuru w'Inyangamugayo mu rwego rw'igihugu, naho 93,2 % zifuje ko buri rukiko rwahabwa igare. Ku byerekeye ubworozi bw'amatungo magufi, 77,6 % zahisemo ihene; 13,4 % zihitamo ingurube, 6,3 % intama, 2 % inkoko, 0,4 % imbata n'aho 0,3 % zahisemo inkwavu.

Icyiciro cya kabiri cyari kigamije gusesengura ibyo ubushakashatsi bwa mbere bwagaragaje, n'ibyifuzo Inyangamugayo zari zatanze. Abantu 528 ni bo babajijwe mu gihugu (44 muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali). Habajijwe abayobozi b'Uturere 3 muri buri Ntara n'Umujyi, abahuzabikorwa b'inkiko gacaca muri utwo turere n'imijyi, abahuzabikorwa b'Imirenge, abaperezida b'inkiko z'imirenge n'ubujurire muri buri murenge watoranijwe. Isesengura ryagaragaje ko umubare munini w'ababajijwe washyigikiye ko hashyirwaho Umunsi mukuru w'Inyangamugayo ku rwego rw'Igihugu. Hari impamvu zitandukanye batanze: uwo munsi watuma Inyangamugayo zungurana ibitekerezo ku migendekere myiza y'inkiko gacaca kandi hakabaho n'ubusabane. Uwo munsi kandi waba akanya ko guha agaciro Inyangamugayo n'umurimo zikora. Ababajijwe bifuje kandi ko uwo munsi mukuru wabera ku rwego rw'Akarere/ Umujyi, ariko hakabaho Intara wakwizihirizwamo ku rwego rw'igihugu, abayobozi b'igihugu bakuru bakagaragara mu birori by'uwo munsi.

Ku byerekeye itangwa ry'igare kuri buri rukiko, umubare munini wagaragaje ko iryo gare ryacungwa na Perezida w'Urukiko. Kugira ngo ridatera amakimbirane, bifuje ko hajyaho amategeko agenga imikoreshereze y'iryo gare, ko rigomba kuzajya rikora imirimo ijyanye n'inkiko gacaca gusa. Abagore kimwe n'abagabo bazarigiraho uruhare rungana kuko rizabaruhura mu ngendo bakoraga n'amaguru. Umubare munini w'ababajijwe wasanze kandi itangwa ry'umusanzu muri banki y'abaturage ari ngombwa cyane kuko uzafasha gukemura ibibazo bimwe na bimwe by'imibereho, binyuze mu mashyirahamwe bazahanga. Naho ku byerekeye itangwa ry'ihene kuri buri nyangamugayo, ababajijwe muri rusange babona amatungo yagurirwa kandi agatangwa ku rwego rw'Akarere/Umujyi. Ikindi ni uko zakororwa kugira ngo zifashe Inyangamugayo kubona umusaruro ku buryo buhoraho. Ababajijwe bumva ko, muri ibyo bikorwa byose, icyaza ku mwanya wa mbere ari itangwa ry'ihene, hagakurikiraho itangwa ry'umusanzu muri Banki y'Abaturage, ishyirwaho ry'Umunsi mukuru w'Inyangamugayo, naho itangwa ry'igare rikaza ku mwanya wa nyuma.

**Isesengura ry'ibyifuzo by'Inyangamugayo**

Muri rusange, zirashimira Leta ko yatangiye kandi ikanakomeza igikorwa cyo kuzivuza hamwe n'imiryango yazo. Ariko zagaragaje ibibazo bihari kutavuzwa indwara zose, kutavurirwa hose, amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza atabagereraho igihe ngo bavurwe kare, imiti badahabwa kuko ihenze, kutakirwa neza kwa muganga kuko baba badafite amafaranga mu ntoki.

Ku bijyanye n'imibereho yazo, zifuje ko zahabwa inzitiramibu ziteye umuti kugira ngo zirinde icyorezo cya malariya. Zose zagaragaje ko kuvuzwa ari ingenzi mu kuzamura imibereho yazo.

Ku bijyanye n'ingendo, nyinshi zagaragaje ko gutanga igare kuri buri rukiko ari byiza, ariko bagaragaza impungenge zo guhendwa kw'icyo gikorwa. Ku bijyanye no kurihirwa muri ONATRACOM, abenshi basanga atari ngombwa cyane, kuko hamwe na hamwe nta bisi zihagera.

Ababajijwe bose basanga amahugurwa ari ngombwa, cyane cyane muri ibi bikurikira amategeko ajyanye n'Inkiko gacaca, ubumwe n'ubwiyunge, gukunda igihugu, gutegura imishinga iciriritse, n'ibindi.

Ku cyifuzo inyangamugayo zimwe zari zatanze cyo gusanirwa amazu, abenshi basanze atari ikibazo rusange, bifuza ko abababaye bahabwa amabati na sima. Ku bijyanye n'itumanaho n'amakuru, ababajijwe bose bavuze ko radiyo ari ngombwa. Basanze telefoni zigendanwa mu ntoki ari ngombwa ariko kubishyira mu bikorwa bitoroshye. Bifuje ko banagezwaho ikinyamakuru cy'Inkiko gacaca.

Nk'uko raporo y'ubushakashatsi ikomeza na none kubigaragaza, abenshi mu babajijwe bashyigikiye igitekerezo cyo gushyira ingufu mu bikorwa bitanga inyungu. Icyagaragaye ni uko hifujwe ko inyangamugayo zakwibumbira mu mashyirahamwe, zigahabwa amahugurwa ku bijyanye no gutegura no gucunga imishinga. Ku cyifuzo zimwe mu nyangamugayo zari zatanze cyo gukurirwaho amafaranga yo gusezerana imbere y'ubuyobozi, abarengeje igice cya kabiri cy'ababajijwe, basanze atari ngombwa kubera impamvu eshatu zikurikira: kudafata Inyangamugayo nk'abantu batishoboye, kuzuza inshingano z'umwenegihugu, kandi bakaba intangarugero mu bikorwa bimwe na bimwe, kwirinda gutonesha bamwe mu bakorerabushake kandi hari nk'abunzi ➡

# Inkiko Gacaca

Journal

## Editorial

### Réforme administrative: le processus gacaca n'en souffrira pas

Le 23 décembre 2005 l'Assemblée nationale a voté une loi organique portant organisation des institutions administratives du Rwanda en vue de consolider la décentralisation et de mettre les services à la portée de la population. Cette réforme a réduit le nombre des provinces, des districts, des secteurs et des cellules. Si bien que, dans la plupart des cas, chaque nouveau secteur regroupe plusieurs anciens secteurs ; et c'est la même chose pour la nouvelle cellule.

Le ressort des juridictions gacaca déterminé par la loi organique n° 16/2004 du 19/06/2004 était conforme à la délimitation des cellules et secteurs. Après la réforme qui a changé les étendues de ces entités administratives, les juridictions gacaca ne peuvent plus poursuivre leurs activités, car elles se heurtent au problème de compétence liée aux cellules et secteurs, ainsi qu'au problème de validité des juges intègres élus selon les anciens secteurs et cellules de leur ressort.

Pour que les juridictions gacaca poursuivent leurs travaux, une réforme s'impose pour les harmoniser avec les nouveaux secteurs et cellules. Ce qui aurait plusieurs conséquences dont notamment : la destabilisation du programme de collecte des informations et du déroulement des procès, ainsi que la réduction des juridictions gacaca entraînant, *de facto*, le ralentissement des procès. Par ailleurs, l'harmonisation des juridictions gacaca avec les nouvelles entités administratives exigerait l'élection de nouveaux juges intègres, avec toutes les dépenses que cela implique sans compter le temps perdu dans le processus de remise et reprise des dossiers des prévenus. Cette procédure d'harmonisation demanderait également au Gouvernement de sortir des fonds non négligeables pour l'acquisition de nouveaux cachets, l'établissement de nouvelles fiches et d'autres formulaires et documents actualisés pour remplacer les anciens. En outre, cela ne manquerait pas de perturber la saisie de base de données déjà avancée. Bref, cela reviendrait à retourner au point de départ des juridictions gacaca.

Pour éviter le ralentissement du processus gacaca, le Gouvernement a soumis à l'Assemblée nationale un projet de loi organique visant à changer la loi organique n° 16/2004 du 19/06/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement des juridictions gacaca. Ce projet de loi prévoit que les juridictions gacaca poursuivront leurs travaux sans changer leurs ressorts conformes aux anciens secteurs et cellules. S'il est adopté, il permettra au processus gacaca de poursuivre son cours normal sans souffrir de la réforme des institutions administratives.

La rédaction

# Imibereho y'Inyangamugayo igiye kuzamurwa

*ibikurikira urup. 9*

n'abandi bakoranabushake badahembwa.

**Bazi neza yuko igihugu gifite amikoro make!**

Icyifuzo cy'uko Inyangamugayo zahabwa insimburamubyizi igihe cyose ziri mu mirimo y'inkiko gacaca, ntabwo cyashyigikiwe n'ababajijwe bose. Muri bo 290/528 (55%) bagaragaje ubushobozi buke bw'igihugu, kandi ko Inyangamugayo ari abakorerabu-shake, uretse ko n'amikoro ataboneka. Ku cyifuzo cyo guhabwa inka kuri buri nyangamugayo, hejuru y'icyakabiri cyababajijwe bangana na 296/528 ( 56%) , babona ko byaba byiza ariko ubushobozi bw'igihugu buramutse bubonetse. Abenshi bemeza ko ihene ibonetse yazamura imibereho y'Inyangamugayo. Ku bijyanye n'umwambaro w'akazi, ababajijwe bagera kuri 343/528 (65%) bagaragaje ko nta nyungu y'inyongera babibonamo, kandi ko agatambaro zifite gahagije. Naho ku byerekeye ikarita y'ubunyangamugayo, abangana na 316/528 ( 60%), bavuze ko atari ngombwa, kuko ntaho zizazikenera kandi zifite izo zikoresha mu bwisungane mu kuvuzwa.

Naho ku kibazo cy'uburinganire, byagaragaye ko umubare w'abagabo ari munini (65,7%) mu nkiko-gacaca, akaba ariyo mpamvu basabye ko abagore bakangurirwa kujya mu nzego zifata ibyemezo, kuko byatuma nabo bagira uruhare rugaragara mu kubaka igihugu. Ababajijwe benshi bemeza ko abagore batarya ruswa, abenshi bakora ikintu biyemeje, kandi ko abagore, ubusanzwe, ari ba gahuzamiryango byaba byiza bagize uruhare mu kunga umuryango nyarwanda. Inkunga bahabwa uko yaba ingana kose, abagore bayicunga neza kurusha abagabo kuko batajya mu kabari, bityo bakazamura imibereho y'ingo zabo. Mu bindi byifuzo zatanze, harimo y'uko zafashwa kurihira abana bazo amashuri yisumbuye, nibura abana babiri kuri buri nyangamugayo.

**Ntabwo ari ngombwa kumenya gusoma no kwandika!**

Abanyamakuru bashatse kumenya niba Inyangamugayo zizashobora kugeza igikorwa cya gacaca ku musozo wacyo cyane cyane urebye ubukene buzugarije kandi umubare wazo munini ukaba utazi gusoma no kwandika. Kuri iki kibazo, madamu Mukantaganzwa Domitila, ukuriye inkiko-gacaca mu Rwanda, yashubije ko ikibazo cy'ubukene ari ikibazo rusange mu banyarwanda. Ariko icyizere gihari ni uko Leta ikora uko ishoboye kugira ngo mu mwaka w'2020, umunyarwanda yaba ageze ku madolari 900 nibura. Naho ku kibazo cyo gusoma no kwandika, ubusanzwe, kuba Inyangamugayo mu nkiko gacaca bisaba mbere na mbere kuba uri Inyangamugayo. Na none kugira ngo ujye muri rwa rwego bita Inama mpuzabikorwa, ni ukuvuga abantu 5 bayobora urukiko (harimo perezida, ba visiperezida 2 n'abanditsi 2) bo bagomba kuba bazi gusoma no kwandika ikinyarwanda. Naho abandi basigaye, ntabwo ari ngombwa kumenya gusoma no kwandika. Upfa kuba uri umuntu ukunda ukuri, ushyira mu gaciro. Ubundi gufatanya n'abandi gutekereza no gufata ibyemezo, ntabwo ari ngombwa kumenya gusoma no kwandika. Ikindi ni uko inkiko zigenda zigira abantu bazi gusoma no kwandika n'amashuri agenda azamuka uko uva mu giturage ujya mu mijyi.

**Bazahabwa n'amaradiyo**

Ntabwo byavuzwe muri iyi raporo. Ariko, babasezeranyije ko bazabaha amaradiyo kugira ngo buri nyangamugayo ijye ikurikirana amakuru ya buri munsi. Nk'uko madamu Mukantaganzwa yakomeje abitangaza, ayo maradiyo azatangwa muri uyu mwaka turimo kuko isoko ryatanzwe n'amafaranga akaba yarashyizwe kuri Konti. Izo radiyo zizatangwa nk'ibikoresho by'amahugurwa ahoraho kuko byagaragaye ko Inyangamugayo ziyafite ari nkeya cyane. Ku birebana n'ibiteganyijwe muri raporo, bimwe ngo byatangiye kubageraho, n'ibindi byose bikazababageraho mu gihe kitarambiranye.

**Rubingisa Jean Claude**

# Inkiko Gacaca z'icyahoze ari Akarere ka Kanombe zihagaze neza

***Ibi ni ko twasanze byifashe nyuma y'ikiganiro ikinyamakuru inkiko gacaca cyagiranye n'umuhuzabikorwa w'inkiko gacaca Rwangalinde Paul. Uwo mugabo ni umuhuzabikorwa w'inkiko gacaca mu gice cy'akarere ka Kicukiro kigizwe n'icyahoze ari Akarere ka Kanombe, akaba ashinzwe gukurikirana imirimo y'inkiko gacaca mu murenge wa Kanombe ubu ukomatanyije uwari Umurenge wa Kanombe n'uwa Busanza, umurenge wa Nyarugunga, uwa Masaka.***

***Ikiganiro twagiranye n'umuhuzabikorwa w'inkiko gacaca cyari kinagamije kureba ibintu bifatika bituma inkiko Gacaca zo muri Kanombe zimaze igihe zihabwa amanota meza, kenshi akaba ari nazo zatoranyijwe mu mwaka w'2005 gusurwa n'abashyitsi babaga basuye u Rwanda, baherekezwaga n'abayobozi bakuru bakajya kureba uko inkiko gacaca mu Rwanda zikora. Twabashije kumenya n'ibikomeje kubera ziriya nkiko inzitizi mu mikorere yazo, no kumenya uko inkiko Gacaca zizakora muri iki gihe uturere n'imirenge byahindutse, kimwe n'imbibe zatwo. Uko biri kose izo nkiko zihagaze neza, kuko nk'urukiko gacaca rw'umurenge wa Kanombe rumaze kurangiza no gusoma imanza 35 naho urw'umurenge wa Sanza rukaba rumaze guca 52.***

**Inkiko Gacaca(I.G) : Ku bijyanye n'iri vugururwa ry'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze, mwatubwira amabwiriza y'akazi mwahawe, ku birebana n'imirimo y'inkiko gacaca ?**

**Rwangalinde Paul(R.P) :** Amabwiriza dufite kugeza ubu ni uko imirimo y'inkiko gacaca igomba gukomeza. Mu mwaka ushize imirimo yakorwaga mu byiciro bibiri, imirimo y'ikusanyamakuru ikorerwa mu nkiko Gacaca z'utugari, n'imirimo y'iburanisha ku madosiye y'abashinjwa icyaha cya jenoside bo mu rwego rwa kabiri baburanishwa n'inkiko Gacaca z'Imirenge. Iyo mirimo irakomeza. Hanyuma ku rwego rwacu nk'abakozi b'Urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko gacaca, hariho ibyahindutse. Nkanjye akarere ka Kicukiro, uretse gusa umurenge wa Masoro. Ku rundi ruhande, hari umurenge wa Masaka wahoze mu Mujyi wa Kabuga. Ubu mu mbibi nshya, uwo Murenge wa Masaka nawo ni igice kigize akarere ka Kicukiro. Amabwiriza dufite nk'abakozi, ni uko twagaragarijwe imirenge, dushobora gukurikiranamo imirimo y'inkiko Gacaca. Nka njye ubu nkurikirana imirimo y'inkiko gacaca mu mu Murenge wa Kanombe, uwa Nyarugunga n'uwa Masaka.

Ubu akazi kariyongereye, kuko habayeho gutwara umurenge wa Masoro, no kumpa umurenge wa Masaka. Umurenge wa Masoro wari ugizwe n'utugari tubiri, none umurenge mushya wa Masaka ugizwe n'ugari 17, ukaba ukomatanya imirenge 3 yo hambere Rusheshe, Ayabaraya na Masaka Nyine.



*Rwangalinde Paul, Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca mu Karere ka Kicukiro*

imbibe nakoreragamo y'icyahoze ari Akarere ka Kanombe, zarahindutse. Kanombe yari igizwe n'imirenge ine : Umurenge wa Kanombe ubwawo, Umurenge wa Nyarugunga, uwa Busanza n'uwa Masoro. Muri iri vugururwa Kanombe yabaye igice cy'ikigize Akarere ka Kicukiro, hanyuma icyahoze ari umurenge wa Masoro cyakuwe mu karere ka Kicukiro kiba igice cy'ikigize akarere ka Gasabo. Igice kinini cy'icyari akarere ka Kanombe cyabaye igice cy'ikigize

**I.G.: Nta bandi bakozi babahaye, bitewe n'uko akazi kiyongereye?**

**R.P.:** Nta bandi bakozi b'urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko gacaca, ariko nanone, mu bakozi ba minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu, ku rwego rw'imirenge, kuri buri murenge hari umukozi ufite muri zimwe mu nshingano ze imirimo y'inkiko gacaca.

**I.G.: Ko umaze igihe mukorera muri aka gace ka Kanombe, kuba kanombe ari ho uwari Perezida mbere y'uko jenoside iba ariho yari atuye, byaba hari ikashe idasanzwe, umwihariko biha imikorere y'inkiko gacaca y'ino aha i Kanombe, ugereranyije n'ahandi wagiye ukorera.**

**R.P:** Ni byo koko uwari Prezida Habyarimana yari atuye mu Murenge wa Nyarugunga mu Kagali ka Nyarugunga. Umwihariko tubona ni uko ihanurwa ry'indege rikimara kuba ubwicanyi bwahise butangira ako kanya. Undi mwihariko ni uko aho yari atuye hari ikigo cya gisilikare, hakazamo, ku ruhande rw'abaturage, ikintu cyo kuvuga ko ubwicanyi bwose bwatangijwe kandi bugakorwa n'abasilikare babaga mu kigo cya gisilikare. Niho mu ikusanyamakuru tujya tugirira ibibazo cyane cyane muri uyu murenge wa Nyarugunga, abaturage bagashaka kujijisha byose babigereka ku basilikare, hakabaho imvugo ya rusange ko ibyabaye byose byakwitirirwa abasilikare, uretse ko uko urukiko rugenda rusensengura neza, n'abaturage bagiye bakorana n'abasilikare bagenda bamenyekana

**I:G: Uyu Murenge wa Nyarugunga wakunze gusurwa n'abashyitsi babaga bagendereye uRwanda, baherekejwe n'abayobozi bakuru. Bikaba byaranavugwaga ko inkiko gacaca zo muri Kanombe zabarirwaga mu zikora neza mu mujyi wa Kigali, wowe ko umaze igihe uhakorera mubona uko gukora neza kwigaragaza gute?**

**R.P:** Imirimo y'inkiko gacaca igitangira, aho buri Ntara n'umujyi wa Kigali byagombaga kugira umurenge w'ikitegererezo, umurenge wa Nyarugunga niwo wafashwe nk'Umurenge w'ikitegererezo w'Umujyi wa Kigali. Hanyuma aho buri karere kasabwaga nako kugira Umurenge w'ikitegererezo, Akarere ka Kanombe kafashe Umurenge wa Busanza. Kanombe na Busanza ni Imirenge yegeranye. Nk'uko wabivugaga koko, ni imirenge yagiye isurwa n'abantu batandukanye, haba mu rwego rw'igihugu cyangwa mu rwego mpuzamahanga. Impamvu mbona, wenda n'abankuriye hari izo batanga, zagiye zituruka ku nyangamugayo ubwazo, tukazegera cyane, mu mirenge y'ikitegererezo ibiri, nanjye nk'umukozi ukurikirana iyo mirimo, nkaba hafi y'inyangamugayo, nazo zigira ubushake n'ubwitange, zemera ko tugirana ibiganiro kenshi tuzihugura. Uko kwitanga kw'inyangamugayo, no kwemera guhugurwa byagiye bigaragaza ko zikora neza ari nako kugirirwa ikizere. N'ubuyobozi bwagiye buziba hafi, ariko bwirinda ikintu cyose cyakwitwa ukwivanga mu mirimo yazo.

Ikindi cy'ingenzi cyatumye imirimo igenda neza muri iyo Mirenge, ni uko udukosa twabonaga ku rukiko rumwe, ahantu

# Inkiko Gacaca z'icyahoze ari Akarere ka Kanombe zihagaze neza

*ibikurikira urup. 11*

hamwe, twihutiraga kubimenyesha inkiko zose kugirango amakosa agende agabanuka, kandi akosorerwe rimwe.

**I.G: Waduha urugero rw'amakosa byabaye ngombwa ko mukosora mu rukiko rumwe, mukanayamenyesha n'izindi nkiko ngo nazo ziyakosore niba ziyakora, cyangwa ziyirinde niba zitayakora?**

**R.P:** Nk'urugero: ubundi hari imihango isabwa ibanziriza iburanisha. Aho twabonye imirimo y'iburanisha idindira kubera gutinda cyane cyane kuri iyo mihango, twagiye tubigabanya, kuko iyo urubanza rwageze aba ari urubanza, nta guca hirya no hino. Aho twabonye icyo kintu inyangamugayo twarazihuguye, n'abandi turabibamenyesha.

**I.G: Ubona abaturage ba Kanombe, mu bice byabo byose babanye bate aho uguca imanza mu nkiko gacaca bitangiriye?**

**R.P:** Imibanire y'abantu umuntu yayibona mu bice bitandukanye mu Nkiko Gacaca. Hari uko ubibona mu gihe cy'ikusanyamakuru, hari n'uko bigaragara mu gihe cyo guca imanza. Aho bigorera cyane, ni mu gihe cy'ikusanyamakuru. Niho usanga, kubera ko ibintu icyo gihe biba byasaga n'aho bitwazwi. Gacaca ikora imirimo yayo ukabona ibintu bigenda bimenyekana. Ugasanga abakoze ibyaha bari bakidegembya hanze, imivugire yabo mu nkiko irarakaza abaturage, nabo bakifuza ko bahita bacibwa urubanza ako kanya. Ibi ni nabyo byatumye tugira ibibazo by'imyumvire y'abashakaga guhita bafunga mu gihe cy'ikusanyamakuru abakekwagaho icyaha cya jenoside.

Mu iburanisha ho biroroha, kuko biba byarabanjirijwe n'ikusanyamakuru. Nta ngorane tubona zituruka ku isoma ry'imanza. Akenshi kuko hazamo n'imihango yo kwirega no kwemera icyaha. Uwireze akemera icyaha ahabwa ibihano bikwiriye, ugasanga nta

*komeza urup. 13*

# Inkiko Gacaca zagize uruhe ruhare ku bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda?

***Mu ntego z'inkiko gacaca harimo n'iyo kunga abanyarwanda. Ikinyamakuru inkiko gacaca kifuje kumenya uko iyo ntego inkiko gacaca zayigezeho mu mwaka w'2005. Twegereye bwana Frank Kobukyeye ushinzwe ishami ryo kubaka amahoro no gukemura amakimbirane( peace building and conflict management unit) muri Komisiyo y'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, atunyuriramo uko iyo ntego yagezweho, cyane cyane ko abakozi b'iyo Komisiyo mu mwaka w'2005 bazengurutse mu byiciro bitandukanye, Intara zose z'igihugu bagenzura uko iyo ntego y'ubumwe n'ubwiyunge igenda ishyirwa mu bikorwa mu nkiko gacaca.***

Nk'uko twabisobanuriwe na Frank Kobukyeye, bariya bakozi ba Komisiyo bazengurutse mu ntara bari bashishikajwe no kumenya ngo ese abaturage bafite myumvire ki kuri gacaca? Bayitabira gute? Ese iyo bitabiriye bagira ruhare ki rugarara? Ni mwuka ki urangwa aho urukiko gacaca ruteraniye? Ese abacitse ku icumu ntibatereranwa bagaharirwa gutanga ubuhamya? Ese nyuma yo kumenya ukuri ku byabaye, nyuma y'urubanza abaturage barushaho kwegerana, cyangwa ahubwo hakurikiraho umujinya no kwishishanya? Ese Gacaca iratuma harushaho kuba umwuka mwiza mu baturage mu mirenge?

### Amashyirahamwe ahuza abahemukiranye

Nkuko twabivuze haruguru ko abakozi ba Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge basuye inkiko Gacaca mu Ntara, mu byiciro binyuranye, ngo mu byagaragaye byashimwa ni uko nyuma y'icyiciro cya mbere cy'izo ngendo zabaye muri Mata na Gicurasi 2005, imyumvire y'abaturage ku byerekeye Gacaca yagendaga irushaho gutera imbere muri rusange. Kwirega no kwemera icyaha ngo bamwe bibomora umutima, bikabaha gushirika ubwoba bwo kumva ko bakiriwe ku mirenge. Ikindi ngo ni uko habonetse ingero zigaragaza ukuntu imiryango y'abahemutse n'abahemukiwe isigaye ibasha kuba yaterana igafata umwanzuro yumvikanyeho bityo hakagenda havuka amashyirahamwe ahuza imiryango y'abiciwe n'imiryango y'abafite ababo bafungiye icyaha cya jenoside. Haravuka n'andi mashyirahamwe agamije gukangurira abaturage Gacaca. Byongeye kandi ngo ibihano bitangwa muri gacaca kandi bikakirwa, byabaye ikimenyetso kigaragaza ubwihanganirane n'ubwiyunge mu banyarwanda.

Icyakora nta byera ngo de, hari bimwe byagaragajwe byo gukosora. Nko kuba hamwe na hamwe hari inyangamugayo zitubahirizaga amategeko n'amabwiriza bigenga Inkiko gacaca, nko gufunga bitubahirije amategeko byakorwaga mu gihe cy'ikusanyamakuru. Kuba amadosiye y'abaregwa hamwe na hamwe atari afite umutekano ugereranyije n'uburyo yari ashyinguwemo. Bamwe mu bayobozi nabo bikekaho kuba baragize uruhare muri jenoside ngo bateza umwuka mubi, babiba ibihuha mu baturage. Hamwe na hamwe bakitiranya jenoside n'ibyaha by'intambara. Imvugo zinnyega cyangwa zikwena abagira uruhare muri gacaca. Hamwe na hamwe bakibona ko inkiko gacaca zitanga ibihano bito, bavuga ko bica abantu intege. Hamwe na hamwe umutekano w'abatangabuhamya uhungabana, ahandi hakavuka amashyirahamwe yo kwangisha abantu gacaca nk'ayitwa "ceceka"

### Inkiko gacaca ziraca urwikekwe mu banyarwanda

Nk'uko umukozi wa Komisiyo y'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge abivuga, ngo biriya bibazo byari byaragaragaye mu bihembwe bibiri by'umwaka wa 2005, mu gice cya kabiri cy'umwaka byagiye bigabanya ubukana, muri icyo gihe hakaba ngo haravutse amashyirahamwe menshi ashishikariza abantu kugira uruhare rugaragara mu mikorere y'inkiko gacaca, amenshi akaba yarabonetse mu yahoze ari intara ya Gikongoro.

Abakozi ba Komisiyo basuye Inkiko gacaca mu cyiciro cya kabiri cy'ingendo zabo babashije kwibonera ko inkiko gacaca buhoro buhoro zigenda zivanaho inzangano n'urwikekwe, uko zigenda zishyira ukuri ku byabaye muri jenoside ahagaragara. Ikindi ngo ni uko Inkiko gacaca zatumye abiciwe bamenya aho ababo baguye, babasha gushyingurwa. Aho bari barajugunywe ngo hagiye herekanwa kenshi n'abireze bakemera icyaha cya jenoside. Bwana Kobucyeye abona ko intimba y'abacitse ku icumu yo kuba batazi aho ababo baguye, batarabashije kubashyingura ari inzitizi yatumaga batayoboka neza inzira y'ubwiyunge. Icyo kibazo rero henshi ngo cyagiye kijya mu buryo.

Ikindi cyagaragaye, ngo ni uko imiryango y'abakatirwa n'Inkiko Gacaca usanga yemera ibihano bitangwa ntihabeho kubijora no kugenda bavuga ko umuntu wabo arenganijwe, ku buryo byakurura inzangano hagati y'ababuranaga. Ibyo ngo bikaba bishoboka kubera ko mu Nkiko Gacaca buri muntu wese ufite icyo avuga aba yarahawe ijambo akinigura. Abakozi ba Komisiyo basuye Inkiko Gacaca hirya no hino mu gihugu, ngo bashimye ndetse ikintu cy'uko abanyarwanda bamaze gucengerwa no kuvugisha ukuri kuri ibi byaha bikomeye bya jenoside ku buryo hamwe na hamwe badatinya no gushinja abo mu miryango yabo babigizemo uruhare.

Umuyobozi w'ishami ryo kubaka amahoro no gukemura amakimbirane muri Komisiyo y'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, asanga bikwiriye ko abantu bose bitabira imirimo y'inkiko gacaca, aho kohereza abakozi bo mu ngo nk'uko byagaragaye hamwe. Kuri we kandi, ni ngombwa ko abayobozi bitabira gacaca, kuko ngo kutazitabira bica intege abaturage.

**Byakiriwe na Antoine Rwagahilima**

*ibikurikira urup. 12*

kibazo biteje. Ahubwo, wenda n'ikindi cyabaye muri iyi minsi, mu Kuboza 2005 ni uko twashoboye no gushyingura abantu bamenyekanye aho imibiri yabo yari yaratawe, biturutse muri gacaca. Bityo mu Murenge wa Kanombe hamenyekanye abantu 230 bashyinguwe, batari baramenyekanye mbere, mu murenge wa Masoro 250, umurenge wa Nyarugunga 150, naho umurenge wa Busanza 3.

**I.G:Nta batangabuhamya bagiye bahohoterwa, batotezwa cyangwa baterwa ubwoba? Nta makimbirane yagaragaye mu miryango y'abakurikiranyweho ibyaha bya jenoside, bishingiye ko haba hari bamwe muri bo batinyutse gushinja bene wabo mu miryango?**

**R.P:** Ntibyakunze kuba kenshi, ariko byabayeho mu murenge wa Kanombe mu Kagari ka Gakoni no mu Kagari ka Samuduha. Hagiye habaho ikintu cyo gutera ubwoba batera amabuye ku ngo z'abatangabuhamya, n'abacitse ku icumu. Mu Kagari ka Ayisanga, nko mu byumweru bitatu byikurikiranya byo mu kwezi kwa karindwi 2005, hagiye habaho gutelefona abacitse ku icumu bababatera ubwoba. No mu Murenge wa Nyarugunga, hagiye hagaragara gutoteza abatangabuhamya mu magambo. Icyakora, Inkiko Gacaca zagiye zibikurikirana. Hari n'abo zaburanishije kuri icyo cyaha cyo guhohotera abatangabuhamya. Umwaka ushize zaburanishije kuri icyo cyaha abantu 6 bahabwa igihano cy'amezi atatu y'igifungo. N'izindi nzego z'umutekano, icyo cyaha zaragikurikiranye.

**I.G: Ni ibihe bibazo byabaye nk'inzitizi zibangamiye imigendekere myiza y'inkiko gacaca**

**R.P:** Ibibazo twahuye nabyo, icya mbere ni ukwitiranya ikusanyamakuru n'iburanisha, ugasanga imitwe y'abaturage yashyushye kubera gushinjwa ibintu bitoroshye, abaturage bagashaka ko ushinjwa yahita afatirwa icyemezo. Ikindi kigorana, ino mu Murenge wa Kanombe ni ukumenya imyirondoro y'abashinjwa jenoside n'abandi bose bakenewe mu rukiko Gacaca, kuko hatuwe n'abantu bavanze ugereranyije wenda n'umurenge wa Busanza usanga abantu baziranye kandi bari baziranye kuva kera. Abatuye mu murenge wa Kanombe ni abantu badafite amakuru amwe. Kumenya imyirondoro n'aho abantu babarizwa usanga abantu babitindaho cyane, rimwe na rimwe bigatuma imirimo idindira. Ibyo ari byo byose, ibibazo byavuzwe ntibyabujije inkiko Gacaca zo mu murenge wa Nyarugunga gukora akazi kanini dore ko Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Nyarugunga rumaze gusoma imanza 35, naho urw'Umurenge wa Busanza rukaba rumaze gusoma imanza 52. Muri izo manza izajuririwe akaba ari 21. Muri izo zajuririwe, izari zitaraburanishwa kugeza ku itariki ya 25 Mutarama 2006 zari 4 gusa.

**Antoine Rwagahilima**

# Rugenge : Imikorere mibi mu rukiko Gacaca rw' Akagari k'Amahoro

***Mu gihe Gacaca igenda itera abaturage kureba imbere hazaza bafite icyizere ko izabageza ku bumwe n'ubwiyunge nyabwo, ishyamba si ryeru mu rukiko gacaca rw'akagari k'Akamahoro mu Murenge wa Rugenge. Abaturage bo muri ako kagari ntibishimiye imikorere y'Inteko. Tuzi ko Gacaca ari iy'abaturage, ko inteko igomba kumva icyo abaturage bavuga, dore ko ari na bo batanga amakuru. Ntabwo ari inteko yicara igahimba amakuru adaturutse mu baturage.***

**Bimeze bite mu Kagari k'Amahoro?**

Nk'uko abaturage bo muri ako kagari babidutangarije, ngo ntibishimiye imikorere y'inteko ya gacaca. Abo twashoboye kuvugana batubwiye ko inteko y'urukiko idakurikiza amategeko, ko yikorera ibyo yishakiye. Batubwiye ko mu ikusanyamakuru, aho gufata amakuru yakusanyijwe na ba nyumbakumi, perezida n'umuhuzabikorwa w'akagari bikoreye lisiti y'amakuru bishakiye, bategeka ba nyumbakumi kuyandukura.

Aha binyuranyije n'amategeko, kuko abaturage bavuga ko bagize ba nyumbakumi abantu badatuye muri izo nzu cumi. Umuntu yayobora igihugu adatuyemo? Ni amayobera. Kuri iyi ngingo ni ukuvuga ko bishe amategeko nkana kuko bayazi, niba batayazi, bari bakwiriye kuyiga bitaba bityo bakegura. Kuko igihe tugezemo nta muntu numwe uri hejuru y'amategeko. Ariko se niba babikora nkana abo boyobozi bagamije iki? Ariko biragaragara ko iyo abantu batangiye kujya ahiherereye bagahimba inkuru zitatanzwe n'abaturage, hari icyo baba bagamije, cyane cyane inyungu zabo zitanafitiye igihugu akamaro, kuko mu guhimba inkuru haba hari uwo bagambiriye kubikaho urusyo: ibyo ntabwo bizatugeza ku bumwe n'ubwiyunge.

**Ninde uzashinja akanashinjura ?**

Mbese, niba ari perezida n'umuhuzabikorwa w'akagari bikoreye lisiti y'amakuru bishakiye, umunsi w'urubanza ninde uzashinja akanashinjura?

Ndabona bariho bitega umutego uzabashibukana, kuko batazaca urubanza ngo kandi bashinje, banashinjure. Biragaragara ko umuturage atashinja mu rubanza atarezemo. Keretse niba hari ibindi bariho bapanga, ariko abaturage barambiwe n'ibintu bibacamo kabiri aho kubigisha uburyo bwo kubana neza, dore ko byo baba babizi, ahubwo bakabavangira. Kuko kuba abaturage binubira iriya mikorere, ni uko bazi igikwiye gukorwa. Iriya gacaca rero yari ikwiriye kwisubiraho, igakurikiza ibyo amategeko asaba.

Indi ngingo ivuga ko, *abayobozi b'Utugari iyo bageze iwabo, baremesha inama ya ba nyumbakumi bagafatanya kuzuza ariya mafishi.* Indi ngingo ikavuga ko *iyo perezida w'urukiko gacaca rw'akagari amaze gushyikirizwa iyo kayi, atumiza inama y'inyangamugayo zose, izigize inteko n'abasimbura babo kugira ngo bemeze ibiyikubiyemo......iyo inteko imaze kuyemeza, perezida w'urukiko gacaca rw'akagari atumiza inama rusange y'akagari kugira ngo ibyemeze.*

Igikabije kurushaho ni uko n'ayo makuru atemejwe n'abaturage mu nama rusange ya gacaca nk'uko amategeko abiteganya. Iyi mikorere idakurikiza amategeko, izatugeza ku ki? Ese ko nta yemezamakuru ryabaye, ariya makuru afite akahe gaciro? Twamenye ko icyo kibazo cyabajijwe, perezida wa gacaca Ngendahimana JMV, agasubiza ko nta kigomba gukosorwa kuri ayo makuru, ngo abavugwa muri Gacaca bazabiburana igihe kigeze. Ni gute umuntu azaburana "des opinions", kuko ari ibintu ngo abantu runaka bicaye bagafinda ngo nta muturage ubigizemo uruhare? Ku bwanjye ndumva atari ngombwa kuvudukisha ikusanyamakuru abantu bamwe bavuga ko ryarangiye kandi abaturage banenga uko ryakozwe, batanaryemera- ayo si amakuru igihe cyose atavuye mu baturage. Ni icyo twakwita mu gifaransa "opinions" kandi muri gacaca ntabwo twari dukwiriye gukoresha "des opinions", ahubwo inkuru mpamo. Ndumva ubuyobozi bwa Gacaca bwari bukwiye gukurikirana icyo kibazo mu maguru mashya niba bwifuza ko Gacaca igera ku nshingano zayo: guca umuco wo kudahana ejo batazahana inzirakarengane, gushyira ukuri ahagaragara no kwimika ubumwe n'ubwiyunge.

**Ibura ry'amakuru**

Ikindi kivugwa muri gacaca y'ako kagari, ngo ni ibura ry'ikayi y'amakuru. Iri bura na ryo riteye urujijo, kubona iyo nteko imaze amezi ikora ntacyo yavuze, perezida akabivuga ejobundi. Ninde ufite inyungu mu ibura ry'iyo kayi y'amakuru?

Twabashije kumenya ko bamwe mu baturage bandikiye akarere ka Nyarugenge batabaza, ariko kugeza ubwo twandikaga iyi nkuru bari batarasubizwa. Bamwe mu baturage batubwiye ko inteko iriho ubu, nta ruhare bigeze bagira mu kuyishyiraho. Ngo hari agatsiko kishyize hamwe kayobowe n'umuhuzabikorwa w'akagari kishyiriyeho abo kishakiye. Twamenye kandi ko hari abaturage bakubitwa n'umuhuzabikorwa, no mu minsi ishize, Perezida wa gacaca aherutse gufungisha abantu avuga ngo baramusakuriza. Ubuyobozi bwa Gacaca nibutabare.

Tugarutse ku mikorere ya Gacaca, twakwibaza impamvu umuhuzabikorwa w'Inkiko gacaca muri Nyarugenge adakosora iyo mikorere y'urukiko; kandi ari cyo ashinzwe. Kubona perezida w'urukiko yikorera ibyo yishakiye yica amategeko agenga inkiko gacaca, bikaba bigaragaza ko abo bayobozi barimo kunyuranya n'intego za Gacaca.

Gacaca y'Akagari k'Amahoro hari icyo ihishe inyuma, ariko ukuri kuzageraho kujye ahagaragara.

**Ndeze Alphonse**

# Huye: Inteko y'urukiko gacaca yafunze umuntu itamuburanishije

*Mu Kagari ka Karurenda, Umurenge wa Kaburemera (ubu ni mu karere ka Huye, umurenge wa Ngoma) inteko y'urukiko gacaca y'ako kagari yakatiye igifungo cy'umwaka umugabo witwa Minani Antoine imushinja kuba yarateye ubwoba umutangabuhamya. Mu kumufunga akaba atarabanje kuburanishwa nkuko amategeko abiteganya. Minani Antoine amaze gufungwa yarajuriye avuga ko yafunzwe binyuranyije n'amategeko kuko atahawe umwanya wo kuburana. Urukiko rwasobanuriwe uko itegeko ribiteganya.*

Umunyamategeko Ntazika Néhémie uhagarariye Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca mu Turere twa Huye, Gisagara na Nyanza yasuye ako kagari agirana inama n'inyangamugayo zose z'icyahoze ari umurenge wa Kaburemera.

Uko byagenze Minani yafunzwe n'inteko y'urukiko gacaca rwa Karurenda ku ya 26/10/2005 nyuma ajuririra urukiko rw'umurenge wa Kaburemera avuga ko yafunzwe bitanyuze mu mategeko kuko yafunzwe ataburanye. Urubanza ruburanishijwe ku ya 1/12/05 rufata icyemezo cyo kurusoma ku ya 29/12/05.Aha nkuko umunyamategeko Ntazika yabibasobanuriye yababwiyeko ko batindije urubanza kandi nta yandi madosiye bari bafite yari gutuma batinda. Ati : "Kuba Minani yarajuriye hagashira ukwezi , nta yandi madosiye ahari ni ikibazo". Aha bikaba bigaragara ko haba harimo agahimano cyangwa kudaha agaciro ubujurire bw'umufungwa.

Nk'uko yabibabwiye, ubundi ngo inteko y'urukiko yari kureba uko ikibazo giteye hanyuma igafata icyemezo hatagombye guhitaho ukwezi kose. Ati:" imanza mu nkiko gacaca ntizigomba gucibwa nk'izo mu nkiko zisanzwe kuko imwe mu nshingano z'inkiko gacaca ari ukwihutisha imanza kugira ngo urengana arenganurwe, n'uhamwa n'icyaha ahanwe hakurikijwe amategeko". Inteko y'Urukiko rw'Akagari yirengagije ingingo ya 32. Muri iyo nama, inyangamugayo zose zasobanuriwe ko iyo umuntu akoze icyaha , inteko y'urukiko ifata icyemezo cyo kuzamuburanisha imbere y'inteko rusange akisobanura, bityo ikabona gufata icyemezo kandi na byo bigakorwa vuba. Urukiko rw'umurenge rwaburanishije icyo Minani atajuriye.

Minani amaze kujuririra urukiko rw'umurenge aho kugira ngo ruburanishe icyo yajuririye (gufungwa ataburanishijwe), rwaburanishije icyaha yaregwaga cyo gutera ubwoba umutangabuhamya. Nyuma yo kumuburanisha, inteko y'urukiko gacaca

rw'umurenge yamukatiye igifungo cy'amezi umunani.Umunyamategeko Ntazika yasobanuye ko itegeko ry'ubujurire rivuga ko urukiko rw'ubujurire rugomba kuburanisha umuntu ruhereye ku cyo yajuririye. Aha akaba yarababwiye ko urukiko rutagombaga kuburanisha Minani ku kirego yarezwe n'urukiko gacaca rw'Akagari cyo gushyira iterabwoba ku mutangabuhamya ahubwo ko rwari kureba gusa icyajuririwe ari cyo cyo gufungwa utaburanishijwe. Akurikije itegeko, yavuze ko Minani atari gufungwa ataburanishijwe, bityo akaba agomba gufungurwa, nyuma yakongera kugira icyaha akora akaba yakurikiranwa ariko yabanje kuburanishwa. Inyangamugayo na zo zari muri iyo nama zasanze koko urwo rubanza rwaraciwe hadakurikijwe itegeko.

**Icyifuzo cyo gusenya inteko**

Muri iyo nama y'inyangamugayo zose z'umurenge wa Kaburemera hatanzwemo icyifuzo cyo gusenya inteko y'urukiko gacaca rw'Akagari ka Karurenda kuko byagaragaye ko harimo ubwumvikane buke mu bayigize. Ngo ntibahuriza hamwe mu gukemura ibibazo.

Ngo icyo cyifuzo cyanatanzwe n'inama rusange y'ako Kagari yateranye mbere y'iyo. Uhagarariye Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca akaba yaravuze ko icyo cyifuzo azagishyikiriza urwego rumukuriye rugafata icyemezo gikwiye. Izo nyangamugayo zatanze icyifuzo cyo guhabwa amahugurwa menshi kugira ngo bazumve neza itegeko rya gacaca kandi banifuza ko ababakuriye bajya babegera kenshi bakabagira inama kugira ngo batazajya bafata ibyemezo binyuranyije n'amategeko nkuko byagenze mu ifungwa rya Minani.

Mu gusoza inama , uhagarariye urwego rw'igihugu rushinzwe inkiko gacaca mu Turere twa Huye,Gisagara na Nyanza yasabye izo nyangamugayo ko mu kazi kabo nta marangamutima agomba kugaragaramo nk'uko babikoze, akazi kabo kazaba imfabusa. Kwegera inyangamugayo bizatuma utubazo bagenda bahura natwo dukemuka bitaraba ibibazo bikomeye.

**MANZI E. Philbert**

# Inkiko ntizafunze imiryango

*ibikurikira urup. 11*

ajyanye n'itegeko nshinga hatangira imirimo yo gutegura ihererekanya bubasha. Akaba ari ko kazi kagomba gukorwa ubu ngubu, hategerejwe ko amategeko asohoka. Bivuga ngo Inkiko ntizafunze imiryango zirakora; icyo zidakora ni uguca imanza n'imirimo yose ijyanye no gufata ibyemezo mu manza. Ariko bazakomeza bakore imirimo yo kujonjora amadosiye kugira ngo bategure ihererekanya ry'ayo madosiye mu nkiko zari zisanzwe ziriho n'inkiko nshyashya zashyizweho. Ububasha bushingira ku ifasi burahinduka, ni ukuvuga ko amadosiye yari ari mu rukiko runaka ashobora kuzavamo akajya mu rundi rukiko. Niba Inkiko z'Uturere zari 106 zikaba zibaye 60, ni ukuvuga ngo hari amadosiye azavanwa murukiko rw'akarere azagomba kwimurwa akajyanwa mu rukiko rw'ibanze. Aka rero ni akazi kagomba gutegurwa, gakorwa n'abacamanza kuko ari akazi kajyanye no gusesengura ibijyanye n'ububasha bw'inkiko, bikaba bigomba gukorwa muri kino gihe, kugira ngo amategeko azasohoke abantu byibura biteguye kuri byinshi.

Itegeko nshinga rivuga ko izo nkiko zigiyeho, ariko uburyo ziteye, uburyo zizakora n'ububasha bwazo bikazagenwa n'irindi tegeko ngenga. Iri rikaba riri mu nteko, ariko hakaba n'andi mategeko ajyana n'iyo mihindukire, nk'itegeko rigenga abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko (stati yabo), hakaba amategeko ajyanye n'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ndetse n'imanza z'imbonezamubano. Itegeko rigenga inama nkuru y'ubucamanza na ryo rirahinduka kuko hari abacamanza bahagarariye abandi batorwa na bagenzi ba bo kuva inyito z'inkiko zihindutse, akaba ari ngombwa kongera guhindura no ku mategeko gato. N'itegeko rigenga Urukiko rw'Ikirenga ririmo ingingo zimwe na zimwe zigomba guhinduka. Izivuga ku Nkiko zo hasi, bikaba bisaba guhuza n'izo nyito nshyashya. Mu gihe inkiko zitegereje amategeko mashya rero ntizahagaze, ahubwo barategura amadosiye bitegura ihererekanyabubasha. Icyo zidakora ni ugufata ibyemezo mu manza gusa.

**Gasasira Gaspard**

## Itangazo

**Ubwanditsi bw'ikinyamakuru Inkiko Gacaca buramenyesha abasomyi bacyo ko bashobora kubugezaho amakuru n'ibitekerezo bijyanye na Gacaca aho batuye.**
**Mutugire inama zadufasha kubagezaho neza amakuru ajyanye na Gacaca n'imanza za jenoside mu Nkiko zisanzwe.**

**Ubwanditsi**

# TPIR irasabwa byinshi muri 2006- Mutabingwa

*Uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu Rukiko rw'Arusha (TPIR), Aloys Mutabingwa, yaganiriye n'Ikinyamakuru Inkiko Gacaca, asubiza bimwe mu bibazo abantu bakunze kwibaza ku mikoranire ya rwo na Leta y'u Rwanda. Yavuze n'icyo arutezeho muri uyu mwaka turimo.*

**JOURNAL INKIKO GACACA (JIG): Umwaka w'2006 uratangiye, ni umwaka ukomeye muri TPIR isigaje imyaka ibiri ngo irangize manda ya yo. Muri uyu mwaka Leta y'u Rwanda iteze iki ku rukiko rw'Arusha?**

ALOYS MUTABINGWA (A.M): Muri rusange imbogamizi nini ni iterwa n'ingamba zashyizweho, zigamije kurangiza ibikorwa by'urukiko. Usanga niba hatagize igihinduka, ibyitwa kurangiza inshingano rwahawe byahinduka ahubwo kuzireka.

Urugero hari ikibazo cyo gushyikiriza uru rukiko abantu batarafatwa, bakiri hirya hino, bagikwiye imishwaro. Hari ikibazo cy'umubare w'imanza zigomba kurangira na zo zigaragara nk'aho ari nyinshi. Hari ikibazo cy'imanza ziyongera mu rugereko rw'ubujurire rw'uru rukiko. Hari ikibazo cyo kwimura zimwe mu manza zitaratangira hano zijya mu Rwanda-uretse ko itegeko rivuga ngo n'ahandi zajyayo. Hari umubare munini w'abatangabuhamya bagomba kwitaba uru rukiko bitewe n'umubare munini w'imanza zikurikiranwa.

Hari noneho n'umubare w'ibimenyetso biba bikenewe bitari bisanzwe muri uru rukiko bigomba kuboneka kugira ngo imanza zikomeze kuburanwa neza. Hari ikibazo gisanzwe cy'umutekano w'abatangabuhamya. Hari amasezerano menshi yateguwe hagati y'urukiko n'u Rwanda atarasinywa, agomba gusinywa uyu mwaka. Hari uruhare rw'uru rukiko mu gikorwa rusange cyo kuzamura ububasha bw'inzego z'ubutabera mu Rwanda, dore ko itegeko risaba ko uru rukiko rugira ibikorwa bigaragara byo gufasha u Rwanda kwiyubaka kugira ngo ruzakomeze akazi uru rukiko ruzaba rutashoboye kurangiza.

Aha ngaha wenda navuga ibikorwa nk'iby'amahugurwa, nk'ibyo gutanga imyanya y'akazi muri uru rukiko, iby'ubushakashatsi bihurijwe hamwe harimo na "documentation" ku mategeko n'ibindi bintu bifasha abantu b'abanyamategeko n'abakora mu butabera, byafasha kwiyubakamo ububasha, hari ibikoresho n'ibindi.

Ibi byose duherutse kubyiga mu nama turebera hamwe ibikenewe ndetse dukora n'imbonerahamwe y'ibyo bikenewe. Ubu igisaye ni ugukora gahunda yo kubigerahao, ndetse na gahunda ifatanijwe hagati y'u Rwanda, uru rukiko n'ibindi bihugu.

Ibyo ni ibintu bigomba gutegurwa muri uyu mwaka, bikazashyirwa mu bikorwa bitarenze umwaka utaha kugira ngo mu gihe urukiko ruzaba rurimo gukinga imiryango byo kwitwa gukinga, ahubwo kurangiza manda. Muri make urabyumva ko uyu mwaka atari umwaka woroheye uru rukiko.

**JIG: Nk'amasezerano yo kwohereza abakatiwe gufungwa kurangiriza ibihano bya bo mu Rwanda cyangwa se kuba abaregwa bamwe baburanishirizwa mu Rwanda, kuki yakomeje gutinda gusinywa?**

A.M: Mbere byagiye bitugaragarira nk'ubushake buke, dore ko itegeko riteganya ko nk'icyo cyo kwimura abakatiwe bajya mu Rwanda, biri mu ngingo ya 26.

Icyo twashingiragaho ni icy'uko nyamara ahubwo uru rukiko rwarengaga kuri ibi biteganyijwe n'iriya ngingo ahubwo rukabohereza mu bindi bihugu. Ndetse rwanihutiye kugirana amasezerano n'ibihugu bigera kuri bitandatu harimo bitatu byo mu Burayi n'ibindi bitatu byo muri Afurika maze byagera k'u Rwanda rugacwendeka, rukicecekera.

Ibyo tumaze kubibona twagiye dukoresha uburyo bwa "diplomatie", tugaragariza Loni n'uru rukiko ko ibyo bikorwa binyuranyije n'itegeko rirushyiraho ndetse ko bigomba gukosorwa, nyamara ntibyakosowe. Aho ntangiriye aka kazi nakomeje kwotsa igitutu inzego zirebwa n'icyo gikorwa muri uru rukiko. Byagize ndetse icyo bitanga kuko hagati y'umwaka w'2004 byabaye ngombwa ko uru rukiko rwohereza abantu gusura prison ya Mpanga kugira ngo barebe ibyujujwe hariya. Nyuma ni bwo twatangiye ndetse no kugirana imishyikirano, ubu ngubu uwo mushinga wagombaga gusinywa kuko hafi ibintu byose twarabyemeranyjijwe.

Ubu igisigaye ni icyitwa bureaucratie ya Loni, dore ko bambwira ko hari ibiro muri New York bigomba kubaha uburenganzira bwo gusinyana na twe. Ibyo rero na byo ni iyindi mbongamizi ndacyayikurikirana; mperutse no kubandikira mbibutsa.

Kuri ibyo byo kwimura imanza byo ndabona bigenda bifata intera; iby'amategeko turimo dutunganya ku ruhande rw'u Rwanda nibimara kurangira, n'ibindi bijyana no gutegura aho bazaburanira, ibyo rero ndumva bizatuma noneho ku ruhande rw'urukiko hagira igikorwa.

**JIG: Kimwe mu bibazo byakunze kutavugwaho rumwe hagati y'u Rwanda na TPIR ni iperereza umushinjacyaha yashakaga gukora kuri bamwe mu basirikare bo mu ngabo z'igihugu bakekwaho ibyaha byo mu ntambara...**

A.M: Mu by'ukuri uwo mushinjacyaha ntiyigeze anatubwira cyangwa ngo aduhe ibintu bifatika byerekeranye n'iryo perereza arimo gukora; yakomeje kubigundira. Ni icyo kibazo cya mbere. Bigatuma rero tunanirwa no kumenya ibyo adukeneyeho ngo tube twareba niba dukwiriye kumufasha cyangwa tutamufasha.

Ariko ikibazo gikomeye kurusha icyo ngicyo ni icy'uko yirengangiza yuko kiriya ari igihugu gifite inzego z'ubutabera, gifite

➡


## Inkiko-Gacaca

ni

Ikinyamakuru cya Minisiteri y'Ubutabera

BP. 160Kigali
Tél : 510626, 86398, 86687, 87393
Fax : 510626
*E.mail : inkikogacaca@yahoo.fr*

**Hasohoka ibinyamakuru 20.000**

Giterwa inkunga n'Umuryango w'Ibihugu by'Uburayi ( Union Européenne).

*Kigamije gukangurira abanyarwanda kwitabira Gacaca no kubamenyesha amakuru y'imanza za jenoside.*

## Journal Inkiko-Gacaca:

**Propriétaire: MINIJUST**

**Comité de Rédaction :**

Pothin Muvara, Vénuste Kayihura, Alphonse Bakusi , Anastase Balinda Fabien Kanyangusho , Anastase Nabahire

**Rédacteur en Chef :**

Vénuste Kayihura,

**Rédacteur en Chef Adjoint :**

Gaspard Gasasira,

**Secrétaire de Rédaction :**

Antoine Rwagahilima,

**Journaliste:**

Jean Claude Rubingisa

**Secrétaire - Documentaliste :**

Gertrude Kanzayire,

**Maquettiste (Graphic Designer):**

J.Pierre Twizeyimana

**Les pigistes permanents:**

Kanamugire Cyrien
Kanyana Bernard Kabale
Byuma Alphonse
Ndeze Alphonse
Manzi Emmanuel Philbert
Semanyenzi Didier
Rudakurwa Ruvusha Prosper
Tumwesigire H. Peace
Twagirayezu Augustin

Inkiko Gacaca Journal



# TPIR irasabwa byinshi muri 2006 - Mutabingwa

*ibikurikira urup. 15*

uburyo gikora, gifite uburyo kibayeho. Abantu bakacyituramo bagashaka gukora nk'aho bagiye ahantu hatari uburyo igihugu cyiri "organisé". Ibyo rero tukaba tubona mu by'ukuri ari uburyo bwo gusuzuguza cyangwa gutesha agaciro inzego z'ubutabera z'igihugu. Dore ko batigeze banakenera kumenya ibyakozwe muri izo nzego z'ubutabera bireba ibyo ngibyo barimo gukeka. Reba dore kugeza n'ubu baracyari mu gukeka kandi hashize imyaka irenga 11!

Na none kugeza n'ubu ngubu muri uko gukeka ntihazamo n'ikintu cyerekana ko hari ukugerageza gushakisha ukuri, kuko muri uko kugushakisha byasabaga ko inzego z'uru rukiko zitumenyesha ibyo zirimo gukeka. Ahubwo dukunze kubyumvira muri mwebwe b'abanyamakuru ndetse ni naho usanga hasa n'aho hatoranyijwe kugira ngo hajye haganirirwa ibingibi.

Twe rero iyo tubibona gutyo tubona ko ari " propagande" zo gutesha agaciro inzego z'ubutabera z'igihugu cy'u Rwanda, bidafite n'aho bihuriye n'akazi k'ubutabera k'uru rukiko. Niba hahari dore ko muri Loni tujya twumva bivugwa, twakabaye natwe tubimenyeshwa nk'ibindi bihugu bigize Loni, twakabaye dufite ibintu bifatika bituruka muri uru rukiko bitwereka ibyo bintu ibyo ari byo.

Numva rero tutabitindaho kuko tuzi n'inkomoko ya byo. Amateka yose ya jenoside yerekana ko iyo yabaye, uwayikoze n'abayimushyigikiyemo bashakisha uburyo victim (uwahohotewe) ahubwo ari we wagirwa nyirabayazana. Iyi rero ni "stratégie" ikoreshwa hose. Ibyo guhoza mu mvugo FPR ni uko ari yo yahagaritse iyo jenoside nyamara uwayiteguye yashakaga ko idahagarara. Ibyo rero na none bishyira FPR n'uwakorerwaga jenoside mu gatebo kamwe, bigatuma abo bombi bitwa nyirabayazana; uwabicaga-dore ko na FPR na yo yahameneye amaraso iri mu guhagarika ibyo bikorwa- abo bose bitwa nyirabayazana.

Ubikurikiranye muri Armeniya, ukabikurikirana mu ba Nazi, ukabikurikirana n'ahandi hose jenoside yagiye iba, uzasanga ko mu by'ukuri jenoside yo mu Rwanda aho itandukaniye na zo, ni jenoside «tropical». Naho ubundi imyiteguro n'ibikorwa, na nyuma yo kuba byarakozwe, uburyo ababikoze barimo kubiburana, ahubwo birushaho kutwibutsa ko jenoside ari uko imera, itazigera ihinduka. Njye rero numva ko mu by'ukuri ari ukuyobya uburari nka «stratégie» yo kuburizamo ukuri.

Ahubwo hari ikintu nakubwira cy'uko abantu bakoranye n'Abanyarwanda bahemukiye abandi, uru rukiko rwagombaga kuba rwarabakurikaranye. Kuba uru rukiko rutarabakurikiranye ahubwo niyo ntandaro ituma iyo FPR ikomeza guhozwa mu mvugo. Kuko abayihoza mu mvugo ni abakabaye barakurikiranywe, batakurikiranywe.

Ahangaha nshobora no kukubwira ko itangazamakuru ryo mu gihugu cy'Ubufaransa riri kw'isonga ry'itangazamakuru ryose rikunda gushyira mu mvugo FPR. Iri tangazamakuru abarikoresha, bamwe ni abagize uruhare muri iyo jenoside yabaye mu Rwanda. Ibimenyetso uru rukiko rufite byari bihagije gutuma uyu mushinjacyaha mukuru yabona ko hakenewe gukora iperereza, noneho agashyikiriza iyi si raporo ku ruhare, cyangwa uruhare rutagizwe na kiriya gihugu cyangwa abantu ku giti cyabo bari boherejwe mu Rwanda gukora akazi k'iriya Leta.

Njye rero nakunze no kujya mbisubiramo iyo mbajijwe mvuga ko jenoside itanakozwe n'Abanyarwanda gusa, hari ubufatanyacyaha bwabaye hagati y'abo Banyarwanda n'abanyamahanga, abo banyahanga bakaba bakwiza imyumvire itari iy'ukuri ku byabaye mu Rwanda ndetse bamwe bifuza ko byakwongera.

Abadashaka rero ko byakongera ntacyababuza igihe cyose kutavuga rumwe n'abashaka ko byongera. N'ubu nongere mbisubiremo ikibazo kizarangira ari uko uwo ari we wese wagize uruhare muri jenoside, ubutabera bureba urwo ruhare, ubeshyerwa na we akagirwa umwere. Ibyo niba bitarangiye neza ntabwo bizajya bibuza kujya mutubaza nk'ibyo mutubaza.

**JIG: U Rwanda rumaze igihe rwaratangije inkiko Gacaca. Musanga izo Gacaca hari icyo zakungura urukiko rw'Arusha mu mikorere yarwo cyane cyane ko imwe mu nshingano za rwo ari ugufasha Abanyarwanda kugera ku bwiyunge ?**

**A.M**: Icya mbere na mbere ni icy'ibimenyetso. Hari ibimenyetso byinshi uru rukiko rutagiye rubona bitewe n'ububasha bwarwo buke, ndetse n'uburyo rwatangiye rutegera Abanyarwanda cyane. Ibyo bimenyetso biragenda biboneka ari ku ruhande rw'abashinja no ku ruhande rw'abashinjura. Ako rero ni akamaro kanini Gacaca ifitiye uru rukiko.

Ibindi bijyana n'ubumwe n'ubwiyunge bwakubakwa hakoreshejwe ubutabera, mu by'ukuri ni inzira ifite ibintu byinshi bigomba kureberwamo. Ntabwo ubutabera gusa ari bwo buzana ubumwe n'ubwiyunge; harimo ibindi bikorwa byinshi birimo kugarura umuco wo gukunda igihugu ubwacyo ndetse nakwongeraho ikintu kivanaho burundu amacakubiri n'ivangura hagati y'Abanyarwanda kuko iyo mizi minini ari yo yatumye n'ibibazo byose biba mu gihugu.

Ntabwo umuntu yakwirengagiza ko ibyo byashobotse, n'iyo mizi minini ikubakwa, bitewe n'uko hari igihugu gifite umubare munini w'abaturage batajijutse kandi bakennye cyane. Ibyo byose iyo bikubiye hamwe n'ubutabera, nta kibuza abantu gusubirana ubuzima, noneho n'ibyo by'ubumwe n'ubwiyunge ntibikorwe nka politike, ahubwo bikaba kimwe mu biranga ubuzima bw'abantu mu gihugu cyabo.



*Uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu Rukiko rw'Arusha (TPIR), Aloys Mutabingwa*

**Agustini Twagirayezu,**
**Agence Hirondelle, Arusha**